# Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

Nº. E-64 TARIKI 16-22 KAMENA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw Ikiguzi 1000 Frw






AMAKURU
Perezida Kagame yavuze impamvu abagize Guverinoma bahinduka vuba

4

AMAKURU
MINUBUMWE yahagurukiye guhangana n'imvugo z'urwango zijimije, zikwirakwizwa

2

MU NTARA
Gatsibo: Ibyuzi by'amazi y'amatungo byatezaga impanuka byatangiye kubakirwa

16

SIPORO
Volleyball: Kepler VC na Kenya Pipeline VC zegukanye Irushanwa ryo Kwibuka

23


# Byinshi ku bufatanye bwa RwandAir na Nigeria mu gutwara imizigo

NTAWITONDA Jean Claude

***Sosiyete y'u Rwanda itwara abantu n'ibintu mu ndege (RwandAir), yatangaje ubufatanye ifitanye na Guverinoma ya Nigeria bugamije kwagura ibyerekezo by'ingendo z'indege itwara imizigo ihuza Nigeria n'Uburasirazuba ndetse n'Amajyepfo ya Afurika.***

Ubwo bufatanye bwitezweho gufungura inzira nshya z'indege zitwara imizigo zihuza Nigeria na Kigali, Lusaka (Zambia) na Harare (Zimbabwe), ari na ko hongerwa imbaraga mu bindi byerekezo birimo Nairobi muri Kenya na Johannesburg muri Afurika y'Epfo.

Itangazo RwandAir yashyize hanze ku wa Gatandatu, rishimangira ko iyi gahunda y'ubufatanye igamije kurushaho koroshya itwarwa ry'imizigo yiganjemo ibicuruzwa muri Afurika, kurushaho kunoza ubucuruzi, ndetse no gushyigikira gahunda y'Isoko Rusange rya Afurika (AfCFTA).

Ubufatanye bw'u Rwanda na Leta ya Nigeria si ubw'uyu munsi mu birebana n'indege, kuko mu mwaka wa 2018 ibihugu byombi byasinyanye amasezerano yo kongerera imbaraga ubutwererane mu bwiko-

KOMEZA KU RUP.3




U Rwanda na Nigeria mu bufatanye bugamije kwagura ibyerekezo by'ingendo z'indege itwara imizigo

# Imijyi ikora ku Kiyaga cya Kivu igiye kubakirwa ubudahangarwa

NTAWITONDA Jean Claude

***Itsinda ryaturutse muri Banki y'Abadage y'Iterambere (KfW) riri mu Rwanda aho ryaje mu butumwa bwo gusuzuma ahazashorwa imari mu kongerera imbaraga bikorwa byubaka ubudahangarwa bw'Imijyi y'u Rwanda ikora ku Kiyaga cya Kivu ku ngaruka z'imihindagurikire y'ibihe.***

Imihindagurikire y'ibihe igira ingaruka zikomeye ku mijyi ikora ku Kiyaga cya Kivu nka Rubavu, Karongi na Rusizi, iteza imvura nyinshi ishobora guteza imyuzure yangiza ibikorwa remezo, imihanda, inyubako n'ibindi bikorwa by'ubukungu byo ku nkengero z'ikiyaga. Mu Ntara y'Iburengerazuba, imyuzure n'inkangu biri mu byago bikunze kugaragara bitewe n'imihindagurikire y'ibihe.

Kubera imiterere y'udusozi twinshi dukikije Ikiyaga cya Kivu, imvura nyinshi itera inkangu n'isuri bikangiza ubutaka, ibikorwa remezo ndetse n'ingo z'abaturage. Ubushakashatsi bwerekana ko isuri mu gace kegereye Ikiyaga cya Kivu ikomeje kwiyongera kubera imvura nyinshi n'ikoreshwa ry'ubutaka ridakwiye.

Iyo suri kandi itwara ubutaka bwinshi ikabushyira mu Kiyaga cya Kivu, bikagabanya ubwiza bw'amazi ndetse bikagira ingaruka ku burobyi. Hari impungenge ko imyanda n'ibitaka byinjira mu kiyaga bishobora kugabanya umusaruro w'amafi. Iyo habaye isuri n'imyanda myinshi mu mazi, ahororerwa amafi harangirika, umusaruro ukagabanyuka, bigateza igihombo

KOMEZA KU RUP.3

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI

# Perezida Kagame yitabiriye Inama Nyafurika yiga ku bwikorezi bwo mu Kirere



**Perezida Paul Kagame yitabiriye Inama Nyafurika yiga ku Iterambere ry'ubwikorezi bwo mu Kirere n'Imurikabikorwa rya serivisi z'indege**

**NTAWITONDA** Jean Claude

***Perezida wa Repubulika, Paul Kagame yitabiriye Ifungurwa ku mugaragaro ry'Inama Nyafurika yiga ku Iterambere ry'ubwikorezi bwo mu Kirere n'Imurikabikorwa rya serivisi z'indege i Lomé muri Togo, yakirwa na Perezida w'Inama y'Abaminisitiri ya Togo Faure Essozimna Gnassingbé.***

Iyi nama yateguwe na Komisiyo Nyafurika Ishinzwe Indege za Gisivili (AFCAC) ifatanyije n'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe (AU), ikaba ihurije hamwe abasaga 500 barimo Abaminisitiri b'Ubwikorezi mu bihugu bya Afurika, abahagarariye Ibigo by'Indege za Gisivili, sosiyete zitanga serivisi zo gutwara abantu n'ibintu mu Kirere, abakuriye ibibuga by'indege, abahagarariye ibigo bikora indege ndetse n'abashoramari.

Ni inama igamije kwiga ku buryo bwo guhuza Isoko Rusange rya Afurika ry'Ubwikorezi bwo mu Kirere no guharanira kubaka uruhererekane rw'ubwikorezi bwo mu kirere muri Afurika, rurambye, rwihagazeho kandi rubasha guhatana mu ruhando mpuzamigabane.

Biteganyijwe ko Perezida Kagame atanga ikiganiro mu itangizwa ry'iyo nama iteganyijwe guhera kuri uyu wa Mbere, nyuma y'aho akaza no kugirana ikiganiro cyihariye na Perezida Faure Essozimna Gnassingbé.

Iyi nama n'imurikabikorwa bitangira kuri uyu wa Mbere tariki ya 15 ikazasoza ku ya 19 Kamena 2026, yitezweho gusoza hatangajwe Politiki yo kwihutisha no gushyira mu bikorwa Isoko Rusange ry'Afurika ry'Ubwikorezi bwo mu Kirere (SAATM) hagati y'ibihugu byo ku Mugabane wa Afurika.

Nanone kandi iyi nama iragaruka ku buryo bwo guhangana n'ibyuka bihumanya ikirere, binyuze mu ishyirwa mu bikorwa ry'Ingengabihe igamije kugabanya imyuka ya karubone mu Bigo bikora Ingendo Mpuzamahanga zo mu Kirere (CORSIA).

Ibyo bizajyana no kureba ku buryo bwo gukusanya inkunga zikenewe mu guharanira kubona amavuta agurutsa indege mu buryo burambye

Mu imurikabikorwa binateganyijwe ko hazaberamo uburyo bwo guhuza ibiganiro ku bantu batandukanye no kunguka abafatanyabikorwa bashya mu rwego rw'indege, ikoranabuhanga mu bwikorezi bwo mu kirere bikajyana n'ubukangurambaga bwo kongera ishoramari mu kubaka ibikorwa remezo by'ubwikorezi bwo mu Kirere.

# MINUBUMWE yahagurukiye guhangana n'imvugo z'urwango zijimije, zikwirakwizwa

**ZIGAMA** Theoneste

***Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE) yatangaje ko iri kuvugurura gahunda yo gukumira no kurwanya ikwirakwizwa ry'imvugo z'urwango, harimo n'izijimije zikoreshwa mu guteza amacakubiri no kubiba urwango mu baturage. Ibi byagarutsweho ku wa Kane, tariki ya 18 Kamena 2026, ubwo u Rwanda rwifatanyaga n'Isi kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga wo Kurwanya Imvugo z'Urwango.***

Umunyamabanga Uhoraho muri MINUBUMWE, Mahoro Eric, yavuze ko gahunda iri gutunganywa izibanda ku gufasha abaturage, cyane cyane urubyiruko, gusobanukirwa no gutahura imvugo z'urwango kugira ngo babashe kuzirwanya.

Yagize ati: "Harimo kwigisha ububi bw'imvugo z'urwango, harimo no gusobanura imvugo zijimije zikoreshwa mu gushimangira amacakubiri. Harimo kandi gushimangira ubufatanye bw'inzego zitandukanye zirimo iz'ubugenzacyaha, iz'ubutabera, iza Leta na sosiyete sivile mu gukumira no guhana ababikwirakwiza."

Mahoro yavuze ko nubwo mu Karere u Rwanda ruherereyemo hakigaragara imvugo z'urwango, igisubizo kidakwiye kugarukira ku bihano gusa, ahubwo hakwiye no kongerwa ibikorwa byo kwigisha abaturage, by'umwihariko urubyiruko.




**Umunyamabanga Uhoraho muri MINUBUMWE Mahoro Eric, yashimangiye ko u Rwanda rukataje mu guhangana n'imvugo z'urwango**

Yagize ati: "Ni ngombwa gushimangira amategeko ahana imvugo z'urwango, ariko ntabwo bihagije. Hakenewe no gukomeza kwigisha abakiri bato icyo izo mvugo zisobanuye n'ingaruka zazo ku mibanire y'abantu."

Yongeyeho ko ari ngombwa gukomeza gusobanurira urubyiruko amateka yaranze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 kugira ngo habungabungwe ubumwe bw'Abanyarwanda kandi hirindwe ikintu cyose cyasubiza inyuma intambwe igihugu cyagezeho.

MINUBUMWE yatangaje ko umushinga wo kuvugurura iyi gahunda watangiye mu mwaka wa 2026, bikaba biteganyijwe ko uzatangira gushyirwa mu bikorwa mu 2031. Uyu mushinga uzuzanya n'izindi gahunda za Guverinoma zigamije gukumira ivangura n'amacakubiri mu muryango nyarwanda.

MINUBUMWE yasabye buri Munyarwanda kugira uruhare mu kurwanya imvugo z'urwango aho zigaragara hose.

Urubyiruko rwiyemeje guhashya imvugo z'urwango

Bamwe mu rubyiruko rwitabiriye ibi bikorwa bagaragaje ko biteguye gukomeza guhangana n'imvugo z'urwango, cyane cyane izikwirakwizwa ku mbuga nkoranyambaga.

Bayisingize Sandrine, umwe mu baharanira kwimakaza amahoro, yavuze ko yiyemeje gukoresha ibikorwa bye mu gukangurira urubyiruko kubaka ubumwe no kwamagana imvugo z'urwango.

Yagize ati: "Umukoro wanjye ni uguhangana n'imvugo z'urwango no kwimakaza amahoro. Tugomba gukomeza gukora ibikorwa bifasha abantu gusobanukirwa ibyiza igihugu kigamije kugeraho."

Yagaragaje kandi ko hari bamwe mu rubyiruko bashukwa n'ababatera inkunga cyangwa bababa amafaranga kugira ngo bakwirakwize imvugo z'urwango, ashimangira ko gukomeza ubukangurambaga ari imwe mu nzira zo kubikumira.

Na ho Saleh Ahishakiye, ukoresha ikoranabuhanga mu bikorwa byo kwimakaza amahoro no kubungabunga ubuzima bwo mu mutwe, yavuze ko nubwo imvugo z'urwango zikomeje kugaragara ku mbuga nkoranyambaga, urubyiruko rugenda rusobanukirwa uburyo bwo kuzirwanya no kuzamaganira kure.

Kugeza ubu, igipimo cy'ubumwe n'ubwiyunge mu Rwanda kigeze kuri 93,5%, ikaba ari intambwe Igihugu kimaze gutera mu kubaka ubumwe n'ubudaheranwa nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

# Byinshi ku bufatanye bwa RwandAir na Nigeria mu gutwara imizigo

IBIKURIKIRA URUP.1

rezi bwo mu kirere.

Ubufatanye bushya hagati ya RwandAir na Nigeria yabinyujije muri Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda, bwahanze umuhora uhuza abacuruzi ba Nigeria n'Iburasirazuba ndetse n'Amajyepfo ya Afurika, ibicuruzwa byabo bikazajya bigera muri ibyo bice ku giciro gito.

Binyuze muri ubu bufatanye bwatangajwe bwa mbere muri Gicurasi uyu mwaka, RwandAir yatangiye gufasha kohereza ibicuruzwa bya Nigeria byerekeza i Kigali ndetse no mu yindi mijyi irimo Harare muri Zimbabwe na Lusaka muri Zambia. Ibi byongereye amahirwe y'abacuruzi ba Nigeria yo kugera ku masoko mashya muri Afurika.

Mbere y'ubu bufatanye, kohereza ibicuruzwa bya Nigeria muri Afurika y'Iburasirazuba byatwaraga hagati y'amadolari ya Amerika atatu na 10 ku kilo kimwe cy'ibicuruzwa, ariko ayo masezerano yatumye ibiciro bigabanyuka bigera munsi y'amadolari abiri ku kilo kimwe.

Leta ya Nigeria ivuga ko ubu bufatanye ari imwe mu ngamba zo gushyira mu bikorwa neza amasezerano y'Isoko Rusange rya Afurika (AfCFTA), hagamijwe kongera ubucuruzi hagati y'ibihugu bya Afurika no kugabanya inzitizi mu gutwara ibicuruzwa.

RwandAir isanzwe ikorera ingendo z'abagenzi hagati ya Kigali na Lagos, ndetse na Abuja, ikaba ari imwe mu nzira zikomeye zihuza u Rwanda na Nigeria mu rwego rw'ubucuruzi, ubukerarugendo n'ishoramari.

Impuguke mu by'ubucuruzi zihamya ko ubu bufatanye bufitiye akamaro kanini u Rwanda, kuko bushimangira Kigali nk'ihuriro ry'ubwikorezi bwo mu kirere muri Afurika.

Nanone kandi iyi ntambwe yatewe yongerera imbaraga umubano mwiza wa dipolomasi hagati y'ibihugu byombi bihuje icyerekezo cyo gushyira mu bikorwa intego za AfCFTA zo koroshya ubucuruzi bwambukiranya imipaka.




**RwandAir yatangiye guhuza abacuruzi bo muri Nigeria n'amasoko yo mu Burasirazuba n'Amajyepfo ya Afurika**

# Imijyi ikora ku Kiyaga cya Kivu igiye kubakirwa ubudahangarwa

IBIKURIKIRA URUP.1

ku baturage.

Ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe zinavugwaho kugira ingaruka ku bukerarugendo bukorwa mu Kiyaga cya Kivu no mu nkengero zacyo kuko imvura nyinshi, inkangu n'ihindagurika ry'ibihe bishobora kugabanya ibikorwa by'ubukerarugendo no kwangiza ibikorwa remezo byakira ba mukerarugendo.

Nanone kandi hatabayeho gukumira ibibazo nk'ibi hakiri kare hari ubwo hanavuka ibibazo by'ubuzima kuko imyuzure ikunze guteza indwara ziterwa n'amazi mabi, kwangirika kw'ibikorwa by'isuku ndetse no kwimura abaturage baturiye ikiyaga.

Izindi ngaruka zishingira ku bihombo bituruka ku kwangirika kw'imihanda, ibiraro, amashuri, amavuriro n'ibindi bikorwa remezo bisaba amafaranga menshi yo kubisana, bikadindiza iterambere ry'iyo mijyi.

Iryo tsinda riri mu ruzinduko mu Rwanda ryahuye n'abayobozi bo muri Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN), abo mu Kigo cy'Igihugu gishinzwe Kurengera Ibidukikije (REMA) ndetse n'abayobozi b'Uturere twa Rubavu, Karongi na Rusizi aho uyu mushinga uzashyirwa mu bikorwa.

Ryasuye kandi site zitandukanye muri utwo Turere, ahari ibikorwa byinshi byakozwe mu rwego rwo gukumira ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe zigira ingaruka ku Kiyaga cya Kivu no ku Mujyi wa Rubavu.

Nanone kandi batemberejwe mu byogogo biregamamo amazi y'imvura mbere yo gukomereza mu migezi irasukira mu Kiyaga cya Kivu biteganyirizwa gutunganywa mu guhangana n'ibyago bituruka ku mihindagurikire y'ibihe bigira ingaruka ku mijyi ya Rubavu na Karongi.

Banki ya KfW yiyemeje gukora ishoramari riri hagati ya miliyoni ziri hagati ya 20 na 40 z'Amayero (hagati ya miliyari 32 na 64 z'amafaranga y'u Rwanda), bikaba biteganyijwe ko iryo shoramari rishobora no kongerwa rikagera kuri miliyoni 80 z'Amayero (ni ukuvuga miliyari 128 z'amafaranga y'u Rwanda) mu mishinga inyuranye irimo n'uyu ukora ku mijyi ikora ku Kiyaga cya Kivu.



**Intumwa za Banki ya KfW zasuye ibice bitandukanye byitegeye Ikiyaga cya Kivu mu Mijyi ya Rubavu, Karongi na Rusizi**




**Hari imwe mu mishinga yatangiye gushyirwa mu bikorwa mu gukumira ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe mu mijyi ikora ku Kiyaga cya Kivu**

# Perezida Kagame yavuze impamvu abagize Guverinoma bahinduka vuba

NTAWITONDA Jean Claude

*“Naho ibi by'impinduka nk'izi ahubwo byashoboka ko zajya ziba mu gihe gitoya cyane kurusha ubu. Hari abantu bashobora kwibwira bati 'ariko ba Minisitiri bahindutse vuba'. Yego, bahindutse vuba ariko ujye wibaza uti, 'impamvu ni iki? Impamvu iroroshye…”*

Ni ibikubiye mu mpanuro Perezida wa Repubulika Paul Kagame, yagejeje ku bitabiriye irahira ry'abayobozi bashya muri Village Urugwiro ku wa Gatatu tariki ya 17



Perezida Paul Kagame yagaragaje ko hari impamvu zituma abayobozi bahindurwa

Kamena 2026, aho yashimangiye ko ababashyira mu myanya bakora impinduka kuko zikenewe nyuma yo kugerageza kenshi abari basanzwe mu nshingano.

Perezida Kagame yavuze ko abahindurwa cyangwa bafatirwa ibyemezo runaka haba habayeho kwihangana inshuro nyinshi zishoboka, ariko rimwe na rimwe hakaba hari indwara yisubiramo yo kutita ku nshingano ntibashyire mu bikorwa ibyo biyemeje gukora kandi barahawe ibyangombwa byose bikenewe.

Perezida Kagame yagize ati: “Dore ahangaha ni ho tugirira inama za Guverinoma tukajya umugambi, tukavuga ngo tugiye gukora iki ndetse buri wese agatanga ibitekerezo tukabyemeza, tukagenda ibyangomwa byose bihari. Mu byagombaga gutwara wenda amezi atandatu kuba twakoze ibyo twakoraga, hashira amezi atanu, habaho no kwibutsa ngo ariko tugeze he kuri bya bindi, ugasanga n'uwagombaga kubikora ntazi aho tugeze.”

Yakomeje agaragaza uburyo icyo kibazo cyabaye nk'uburwayi, abayobozi bamwe na bamwe bakihanganirwa kenshi ariko bikaba iby'ubusa.

Ati: “Ubwa mbere urabyihorera, ukabona ko nyine ari intege nke umuntu yagize, abantu bakora amakosa birashoboka. Bwa kabiri ikosa rimwe rikongera rikaba nk'iryo ryabaye ubushize, ukongera uti 'ariko se habaye iki, ubushize ko twari twabikosoye byagenze gute? Uwo na bwo wenda ukamwihorera. Iyo bibaye ubwa gatatu, ndetse rimwe riba ubwa kane, haba hari ikibazo gikomeye. Icyo gihe rero ni bwo abantu bagomba gufata ibyemezo. Yego hari abashobora kubireka gutyo bikaba umuco, kuko uwo muco hari aho tuwuzi, natwe uhora ushaka kutuzamo ariko turawurwanya.”

Yavuze ko iyo kwihanganira abakora nabi birangiye, hahangwa amaso kugerageza abandi Banyarwanda babasha gukora nk'ibyo abasimbuzwa bakora, ariko na bwo hari ubwo birangira n'abatoranyijwe batwaye umwanya bikarangira imico mizima bitezweho ibananiye. Yashimiye cyane abagera mu nshingano bakazikora neza uko bikwiye, aboneraho kwibutsa abarahiriye inshingano nshya kuzirikana uburemere bw'ibyo barahiriye bijyanye no gukorera Abanyarwanda.

Yababuriye ko nubwo baba bazi ingorane bashobora guhura na zo bagwa mu bishuko kubera kwibagirwa vuba, ati: “Byari ukwibutsa gusa ndabizi ko mubizi, ariko ibishuko biba byinshi abantu bakibagirwa vuba. Nibura mujye mwibuka ko twabiganiriye, hari ubwo bikugarura ku murongo ukareka gukora ibikwiye kuba bidakorwa.”

Abayobozi bakwiye kuza inyuma mu nyungu ziva mu bikorwa byiza

Perezida Kagame yibukije abayobozi kujya barebera inshingano bakora mu ndorerwamo y'Igihugu kugira ngo barusheho kuzirikana uburemere bwazo. Yahamije ko kuba umukozi mu nzego za Leta mbere na mbere biba bivuze gukorera abaturage no guharanira imibereho yabo myiza. Yavuze ko ubusanzwe umuyobozi agerwaho n'ingaruka z'imikorere mibi ye, abaturage ayobora bo byaradogereye kuko bisanga bagomba kwishyura ikiguzi cy'ibyo batakoze.

Yakomeje agira ati: “Mu by'ukuri abayobozi baza inyuma, si bo baza imbere mu nyungu ziva mu bikorwa byiza. Bibageraho ariko biba bikwiye kubageraho nyuma, abaturage ni bo bikwiye kuba bigeraho mbere. Akenshi rero hari ubwo bigaragara, abantu bamwe bashyize imbere inyungu zabo, harimo kwibona, ndetse bisa n'ibigiye kuba akamenyero abenshi babishyiramo n'ubwirasi bakibagirwa ko ari Igihugu dukorera atari ipiganwa ry'umuntu n'undi.”

Yavuze ko umuntu ukorera neza Igihugu na we abyungukiramo, kuko inyungu na we zimugeraho nk'uko zigera no ku bandi. Yibukije ko hari abarwaniye Igihugu bakakibohora nta nyungu zindi babibonamo uretse kukibohora. Ati: “Iyo baba baratekerezaga gusa inyungu zabo, ntaho Igihugu cyajyaga kugera na busa kandi ngira ngo murabizi ko icyo gihe nta n'inyungu zari zihari ngo uvuge ko abantu barwanira inyungu; nta mushahara, nta kintu cyari kiriho, ahubwo icyo abantu babaga batekereza ni uko habaga harimo no gutakaza ubuzima.”

Yakomeje agaragaza ko mu nshingano zikorwa uyu munsi mu mirimo ya Leta, abenshi bakora ibitabasaba gutekereza ko bashobora no gutakaza ubuzima, ari na yo mpamvu ubwitange basabwa budakwiye kuba bunanirana. Yavuze ko abantu badakwiye kwibagirwa ayo mateka, ahubwo akwiye kubabera isomo kugira ngo bayakuremo amasomo yo gushaka ibisubizo ku bibazo bahura na byo mu kazi kabo ka buri munsi.

Yakomeje agira ati: “Iyo uhuye n'ibibazo ku kazi ukora uburyo bwo kubikemura iyo ubishaka; ukorana n'abandi, ari abo uyobora, ari ab'izindi nzego. Ubundi nta kibazo gikwiye kuba kitunanira n'ikitunaniye tuba twumva impamvu, uragicumbikisha ugashaka amikoro, ugashaka ubushobozi ukabwubaka kugira ngo noneho usubire inyuma ukemure cya kibazo. Ariko byose bikunda ari uko abantu bumva neza aho inshingano ziva n'aho zigarukira. Mujye rero muhora mwibuka ko muri izi nzego dukoreramo twese dukorera Igihugu. Intego ni imwe, ujye wibuka ko uri kumwe n'abandi.”

Yakomeje gushimangira ko abakora neza bibazanira inyungu ubwabo bikazizanira n'Igihugu kandi n'abakora nabi bakurikiye inyungu zabo bigira ingaruka ku bandi na bo ubwabo, yizeza abarahiriye inshingano nshya ko nta kidasanzwe kandi ko iyo zikozwe nk'ubuzima busanzwe birushaho kubaryohera no koroha.

Abarahiye ni Damien Murwanashyaka wagizwe Minisitiri w'Ibikorwa Remezo, Antoine Marie Kajangwe wabaye Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda, Armand Zingiro wabaye Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ibikorwa Remezo na Col. Claudien Bizimungu wabaye Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ibikorwa Remezo.

Hari kandi James Wizeye, Umunyamabanga Mukuru Wungirije w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Iperereza n'Umutekano (NISS), Judith Mbabazi wabaye Umuvunyi Mukuru Wungirije ushinzwe gukumira no kurwanya akarengane ndetse na CP Theos Badege, Komiseri Mukuru Wungirije w'Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Igorora (RCS).

# Yolande Makolo yikomye Perezida Tshisekedi wise Abanyarwanda abarozi



**Umuvugizi wa Guverinoma y'u Rwanda, Yolande Makolo, yasubije Perezida wa RDC, Félix Antoine Tshisekedi Tshilombo**

**SHEMA Ivan**

***Umuvugizi wa Guverinoma y'u Rwanda, Yolande Makolo, yasubije Perezida wa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), Félix Antoine Tshisekedi Tshilombo, wasazwe n'ibyishimo by'umukino w'Igikombe cy'Isi, akibasira Abanyarwanda abita abarozi, ndetse akanemeza ko Ingabo z'Igihugu cye (FARDC) zizisubiza Imijyi ya Bukavu na Goma vuba cyane.***

Ku wa 17 Kamena 2026, Perezida Tshisekedi n'umugore we Denise Nyakeru bitabiriye umukino w'Igikombe cy'Isi, ikipe ya RDC yanganyijemo n'iya Portugal igitego 1-1 kuri NRG Stadium iherereye mu Mujyi wa Houston muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika.

Nyuma y'umukino yagiranye ikiganiro n'Abanyekongo baba muri Amerika, ababwira ishusho ijyanye na Politiki yo muri iki gihugu kimaze igihe mu ntambara mu Burasirazuba bwacyo. Perezida Tshisekedi yavuze ko muri iki gihe Igihugu cyabo kiri mu ntambara, Leta ya RDC yatahuye abagambanyi bakorana n'ihuriro AFC/M23 rigenzura igice kinini cy'Uburasirazuba bw'Igihugu, asobanura ko yibwiraga ko baba mu Rwanda gusa, ariko ngo yasanze baracengeye n'i Kinshasa.

Ati "Ntimuzemere kugambanira Igihugu cyanyu. Abarozi babaho. Twatekerezaga ko baba mu Rwanda gusa ariko baraducengeye." Perezida Tshisekedi wari wishimye cyane, yabwiye Abanyekongo ko mu gihe cya vuba bazisubiza Umujyi wa Goma n'uwa Bukavu imaze igihe kirenga umwaka igenzura n'Ihuriro AF/M23.

Ati: "Mfite icyizere ko mu minsi iri imbere, Congo yose izabohorwa. Abavandimwe na bashiki bacu i Goma na Bukavu barishimye, tuzaba turi kumwe. Abanzi baracengeye, kandi uyu munsi twarize, tuhakura isomo. Ubu tugomba kubaka ikintu gikomeye."

Mu butumwa Umuvugizi wa Guverinoma y'u Rwanda, Yolande Makolo yashyize hanze kuri uyu wa Kane, yasubije Perezida Tshisekedi wahinduye ibihe by'umunezero ku Banyekongo n'Abanyafurika bose iby'ubugoryi bwa Politiki.

Yagize ati: Ikipe y'Igihugu ya RDC, Les Léopards, yahaye Afurika ibyishimo bikomeye mu mukino wayo wa mbere w'Igikombe cy'Isi. Nyamara Perezida Félix Tshisekedi yahisemo kwangiza uwo munezero, atuka Abanyarwanda n'Abanyekongo, ndetse ari ku butaka bwa Leta Zunze Ubumwe za Amerika atangaza ko agikomeje gahunda yo kugaba ibitero bya gisirikare mu Burasirazuba bwa RDC."

Yakomeje agira ati: "Tshisekedi ntiyakoresheje gusa intsinzi y'iyi kipe mu nyungu za politiki zicirirtse, ahubwo amagambo ye arimo ubushotoranyi agaragaza no gusuzugura ibikubiye mu masezerano ya Washington ndetse n'umwuka w'ubwumvikane n'amahoro agamije gushyigikira."

U Rwanda na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo byasinyanye amasezerano y'amahoro ku wa 4 Ukuboza 2025, ku buhuza bwa Leta Zunze Ubumwe za Amerika zatanze n'amahirwe y'ubukungu.

Guverinoma y'u Rwanda ivuga ko kugeza n'uyu munsi Leta ya RDC itaratera intambwe n'imwe mu rugendo rwo gushyira mu bikorwa ibikubiye muri ayo masezerano birimo kurandura umutwe wa FDLR nk'izingiro ry'ibibazo by'umutekano muke mu Karere, ari na cyo kizatuma u Rwanda rukuraho ingamba z'ubwirinzi ku mipaka yarwo iruhuza n'icyo gihugu.

# Uburere bwiza si ukugaburira umwana gusa – MIGEPROF

**MUTETERAZINA Shifah**

***Kugira ngo umwana akure neza mu mpagarike n'ubugingo akeneye ibirenze ibyo kurya, nk'uko byashimangiwe na Batamuriza Mireille, Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango (MIGEPROF), wibukije ababyeyi n'abarezi ko gutanga uburere buboneye bitagarukira gusa ku kubagaburira no kubigisha gusa.***

Batamuriza yavuze ko umwana akenera kwitabwaho no kumuba hafi buri gihe, ubwo ku rwego rw'Igihugu hizihizwaga Umunsi Mpuzamahanga w'Umwana w'Umunyafurika mu Karere ka Kayonza ku wa Kabiri tariki ya 16 Kamena 2026.

Uretse abatuye muri ako Karere, uyu munsi wateguwe n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe imikurire no kurengera umwana (NCDA) ku bufatanye n'abafatanyabikorwa bacyo, wanitabiriwe n'abana, ababyeyi hamwe n'abayobozi bo mu nzego zitandukanye baturutse hirya no hino mu Gihugu.

Umunyamabanga uhoraho muri MIGEPROF, Batamuriza Mireille yibukije abawitabiriye ko badakwiye kumva ko uburere buboneye burangirira mu kugaburira abana gusa. Yagize ati: "Babyeyi barezi, bafatanyabikorwa turi kumwe hano, uburere buboneye ndumva bwasobanuwe cyane. Uburere twifuza guha abana bacu si ubwo kubagaburira no kubohereza ku ishuri gusa, izo ni inshingano z'ibanze.

Uburere bukomereza mu biganiro, ni uburere burinda umwana, bujya inama kandi bumwibutsa inshingano ze ariko bukanamutoza indangagaciro nk'Umunyarwanda. Umwana ntarererwa mu mihanda, arererwa mu muryango."

Bamwe mu banyeshuri biga mu mashuri yisumbuye basanga hari byinshi ababyeyi bakwiye gukora kugira ngo abana babone uburere buboneye. Mutanga Elia Ati: "Ababyeyi bakwiye gutanga uburere ku bana bidasabye gukubita, ahubwo bagomba kwimakaza ibiganiro, bakadukoresha imirimo itatuvuna."

Kamashaze Flora yungamo ati: "Hari byinshi mba nkeneye kuvugana n'umubyeyi wanjye, mama cyangwa papa, kandi n'iyo byaba atari bishya, byonyine kuganira na we byanshimisha. Mu gihe ntamubona rero mbura uwo mbwira ibyifuzo, intego n'icyerekezo byanjye, agahinda kakanyica."




**Abana bavuga ko ari ingenzi ko ababyeyi bajya babaganiriza**

Umunsi Mpuzamahanga wahariwe Umwana w'Umunyafurika washyizweho bwa mbere ku wa 16 Kamena 1991, n'Ihuriro ry'Ibihugu bigize Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe, hagamijwe kuzirikana ubwicanyi bwakorewe abana b'i Soweto muri Afurika y'Epfo mu 1976 bakorewe ivangura (Apartheid). Kuri ubu wizihizwaga ku nshuro ya 35, ku nsanganyamatsiko igira iti: "Ndera Neza, Nkure Nemye".

# Perezida Kagame yasabye Abanyafurika kwihutisha gahunda y'Isoko rusange ry'ingendo z'indege




**Perezida Paul Kagame yasabye ibihugu bya Afurika kwihutisha gahunda y'Isoko Rusange ry'ingendo zo mu Kirere**

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Perezida wa Repubulika, Paul Kagame yasabye ibihugu bya Afurika kwihutisha gahunda y'Isoko Rusange ry'ingendo zo mu Kirere binyuze mu gukuraho imbogamizi zidindiza ubuhahirane zigaca intege urujya n'uruza, agaragaza ko ari ikibazo kuba ingendo zihuta kurusha izindi muri Afurika ari izibanza guca ku yindi migabane.***

Impamvu zimwe mu ngendo zihuta muri Afurika ari izica i Burayi cyangwa mu Burasirazuba bwo Hagati, ni uko Afurika igifite imbogamizi yo kuba ibihugu byinshi bitarabasha gushyiraho politiki zigenga gufungurira ikirere cyabyo ibindi bihugu byo ku mugabane.

Icyo kibazo kirema ubwigunge, ugasanga ingendo zihuza ibihugu bituranye zakabaye zihendutse zirushijeho guhenda, ndetse n'ubuhahirane bw'ibihugu bya Afurika bukarushaho kudindira.

Mu ijambo yagejeje ku bitabiriye Inama Nyafurika yiga ku Iterambere ry'ubwikorezi bwo mu Kirere n'Imurikabikorwa rya serivisi z'indege, yatangiye kuri uyu wa Mbere tariki ya 19 ikazageza ku wa gatanu tariki ya 19 Kamena 2026, Perezida Kagame yavuze ko guhuza ingendo zo mu kirere ubwabyo birebana n'ubushobozi bwa Afurika bwo gukorana ikagera ku musaruro ufatika.

Ati: "Tuzi igikwiriye gukorwa, rero turasabwa kuba ari cyo dukora. Afurika ni iwabo wa hafi kimwe cya 5 cy'abatuye Isi ariko ifite ingano nto y'urujya n'uruza ku rwego mpuzamahanga. Ibi ahanini biterwa n'uko ingendo z'indege ku mugabane wacu zikigoranye kandi zihenze. Akenshi usanga ingendo z'indege zihuta hagati y'imijyi ibiri ya Afurika zibanza kunyura ku yindi migabane. Ibi bica intege ubucuruzi n'ishoramari, ndetse bikabuza ubucuruzi gukora butera imbere."

Perezida Kagame yavuze ko Isoko Rusange rya Afurika mu Bwikorezi bwo mu Kirere (SAATM), ritanga uburyo bwizewe bwo guhindura ibintu, bityo hakenewe ingengabihe isobanutse yo kurishyira mu bikorwa kugira ngo ritange umusaruro ufatika.

SAATM ni umushinga ukomeye ubonwa nk'imbarutso yo kugera ku ntego z'Icyerekezo 2060, ikaba ari gahunda ishyira mu bikowa Umwanzuro wa Yamoussoukro wafatiwe muri Côte d'Ivoire mu mwaka wa 1999 ukemezwa n'ibihugu 44 bya Afurika bigamije gufungurirana serivisi z'ubwikorezi bwo mu kirere kandi hakabaho uguhiganwa gutanga amahirwe angana ku bihugu byose byo ku Mugabane.

Kugeza n'uyu munsi nyuma y'imyaka 27, uyu mwanzuro nturashyirwa mu bikorwa byuzuye bitewe na Politiki z'ibihugu zigishyira inzitizi ku gufungura ikirere cyabyo, ndetse no kuba ibihugu byinshi bitarubaka ibikorwa remezo bigezweho by'ibibuga by'indege.

Indi mpamvu ituma ingendo zo hagati y'ibihugu bya Afurika zitinda cyangwa ntizinabeho ni uko zikorwa n'abantu bake cyane ugereranyije n'izambuka umugabane. Sosiyete y'indege ntishobora gukorera mu gihombo ku ngendo zihuza imijyi ibiri ya Afurika mu gihe nta bagenzi baboneka.

Nanone kandi ibi bibazo bifite aho bihurira n'amateka ya Afurika n'ubukoloni, kuko umubano w'ubucuruzi no gusahura ibihugu bya Afurika mu gihe cy'ubukoloni byasize umurage w'ingendo zihuza Afurika n'indi migabane ari zo zashinze imizi.

Gusa ku birebana n'Uburasirazuba bwo hagati, ingendo zica i Doha n'i Dubai usanga zihendutse ugereranyije n'izinyura i Burayi. Ikindi, igiciro cy'amavuta agurutsa indege, ubwishingizi buhenze, amahoro yo ku bibuga by'indege ari hejuru bituma ingendo zihuza imijyi ya Afurika zirushaho guhenda.

Perezida Kagame asanga guhuza ingendo zo mu Kirere mu bihugu bya Afurika bikwiye gushingira ku kubaka ibibuga by'indege bigezweho ndetse bikajyana no kubaka ubushobozi bwo kubisigasira no gukora uruhererekane rwo kubona amavuta agurutsa indege rwizewe.

Yakomeje agira ati: "Ku bw'iyo mpamvu, ishoramari rikorwa mu rwego rw'indege rwa Afurika ntirikwiye kubonwa nk'ingorane ahubwo rikwiye kubonwa nk'umusingi w'iterambere. Banki zitsura amajyambere, ibigega by'ubukungu, ibigo by'abashoramari n'abikorera, bose bafite umusanzu bakwiye gutanga muri izi mpinduka.

Ariko gutera inkunga ubwabyo ntibihagije, nanone kandi dukwiye gukemura byihutirwa inzitizi zikibangamira iterambere; imisoro n'amahoro ku ngendo z'indege muri Afurika biri mu biri hejuru cyane ku Isi. Kugabanya ibyo biguzi ni ingenzi cyane, ndetse ikindi gikenewe ni uguhuza n'amabwiriza y'ubugenzuzi."

Yibukije kandi ko ibihugu bya Afurika bisabwa gushyigikira ibigo byashingiwe kuyobora impinduramatwara zikeneye gukorwa mu rwego rw'ubwikorezi bwo mu kirere na byo bikajyana no guhindura Politiki ya viza ku Banyafurika, bikarushaho koroshya urujya n'uruza.

Yatanze urugero rw'uburyo mu Rwanda inzitizi ya viza yakuweho ku Banyafurika bose, bituma abasura Igihugu biyongera, imikoranire y'abaturage na yo iriyongera, ati: "Twaje kubona ibikorwa bikomeye by'ubucuruzi biza, ubukerarugendo buriyongera, kandi byagura ingendo z'indege. Bityo ubunararibonye butwereka ko gutegera abandi ibiganza no gutsura ubutwererane biri mu nkingi zikomeye z'iterambere."

Yakomeje agira ati: "Nta karere na kamwe kigeze gafungura amahirwe yako mu gihe kagikomeje kwiyomora ku bandi. Guhuza ingendo zo mu kirere bifungura amahirwe menshi, kandi kwita ku gihe bikorerwa ni ingenzi cyane mu by'ukuri."

Perezida Kagame yanaboneyeho gushimangira ko kuba umubare munini w'Abanyafurika ari urubyiruko ari amahirwe arushaho kongera ubucuruzi, abahanga mu guhanga ibishya ndetse bikongera urujya n'uruza rw'abashaka amahirwe ku Mugabane. Yemeza ko ari inshingano z'abayobozi guharanira ko urwo rubyiruko rubona ibyangombwa byose rukeneye ngo rugere ku ntsinzi.

Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

# Ijambo ry'Ibanze

## Inyungu zo kuzahura umubano w'u Rwanda na Afurika y'Epfo zigera kuri Afurika yose

Muri iyi minsi hari guterwa intambwe zo kuzahura umubano w'u Rwanda na Afurika y'Epfo umaze imyaka igera kuri 12 utameze neza. Kuzahura uyu mubano bikaba bifitiye inyungu ibihugu byombi by'umwihariko ndetse n'Umugabane wa Afurika wose muri rusange.

Ibihugu byombi bifite amateka yihariye yo kubaka ubwiyunge mu baturage babyo no kuzahura ubukungu n'iterambere nyuma y'ibihe bikomeye byanyuzemo; Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu Rwanda ndetse na Apartheid yamaze imyaka myinshi muri Afurika y'Epfo. Ibihugu byombi bikaba byahana amakuru, kwigishanya no guterana ingabo mu bitugu no kongera kwiyubaka no guteza imbere Afurika muri rusange.

Afurika y'Epfo ni kimwe mu bihugu bifite ubukungu buteye imbere ku mugabane, mu gihe u Rwanda rukomeje kwigaragaza nk'icyitegererezo mu koroherez ishoramari, ikoranabuhanga, imiyoborere myiza ndetse n'ubukerarugendo.

Umubano mwiza w'ibihugu byombi ushobora gutuma habaho kwiyongera kw'ishoramari ry'abikorera, ubucuruzi hagati y'ibihugu byombi ndetse no guhanga imirimo mishya. Afurika y'Epfo ifite uburambe mu nganda, uburezi n'ubushakashatsi, mu gihe u Rwanda rumaze kubaka izina mu ikoranabuhanga, serivisi n'imiyoborere ishingiye ku guhanga ibishya.

Ikindi kandi, kuzahura umubano bizafasha koroshya urujya n'uruza rw'abaturage, abanyeshuri n'abashoramari mu guharanira kugera ku ntego z'Isoko Rusange rya Afurika (AfCFTA).

Kuri ubu, impande zombi zatangiye gutera intambwe zigamije gusubukura ubufatanye, kongera guha viza Abanyarwanda bafite pasiporo zisanzwe no kongera ibikorwa bya Komisiyo Ihuriweho y'Ubutwererane (Joint Commission on Cooperation), ibintu bizafasha kongera ubuhahirane n'ubukerarugendo.

Mu rwego rw'umutekano n'ububanyi n'amahanga, u Rwanda na Afurika y'Epfo ni ibihugu bifite ijambo rikomeye ku mugabane ku buryo bikoranye neza bishobora gutanga umusanzu ukomeye mu gushaka ibisubizo by'ibibazo by'umutekano muke mu Karere no gushyigikira gahunda zo kwihuza kwa Afurika.

Kuzahura umubano w'u Rwanda na Afurika y'Epfo si inyungu ku bihugu byombi gusa, ahubwo ni intambwe ikomeye mu kubaka Afurika yunze ubumwe, itekanye kandi iteye imbere mu nzego nyinshi.

**Ubwanditsi**

# U Rwanda rwavuye kuri 1% rugera kuri 84% mu ngufu z'amashyanyarazi

**NYIRANEZA Judith**

***U Rwanda rwateye intambwe mu kugabanya ibyuka bihumanya ikirere, rushyira imbere kongera ingufu z'amashanyarazi, ruva kuri 1% rugera kuri 84% nk'uko byagaragajwe na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb. Nduhungirehe Jean Patrick Olivier ku wa Gatanu tariki ya 19 Kamena 2026.***

Yabigarutseho ubwo yari yitabiriye Inama Nyafurika yita ku Iterambere ry'urwego rw'Ingufu (Africa Energy Forum) iri kubera i Cape Town muri Afurika y'Epfo, yamurikiwemo porogaramu y'u Rwanda igamije kugabanya ibyuka bihumanya ikirere ho 38% bitarenze mu myaka ine iri imbere.

Mu ijambo yagejeje ku bitabiriye iyo nama, yagaragaje intambwe u Rwanda rumaze gutera mu kongera amashanyarazi no kuyageza ku baturage.

Yagize ati: "U Rwanda rwateye intambwe itangaje mu rwego rw'ingufu, ruva kuri Megawati 43 (43MW), aho abagerwagaho n'umuriro w'amashyanyarazi bavuye kuri 1% mu 1994 bagera kuri 84% ubu, kandi intego y'Igihugu ni uko uzaba wageze kuri bose bitarenze mu 2030."

Yashimangiye kandi ko u Rwanda rwihaye gahunda yo kugera ku ntego mpuzamahanga mu birebana n'ingufu, ati: "U Rwanda rwiyemeje kugera ku ntego ihuriweho, mpuzamahanga yo kugeza ingufu ku baturage bitarenze mu 2030, binyuze muri gahunda ya miliyari 3 z'amadolari ya Amerika yo kongera ubushobozi bw'ingufu no gukusanya miliyari 1 y'amadolari ya Amerika mu ishoramari ry'abikorera."

Sosiyete y'u Rwanda Ishinzwe Ingufu (REG) igaragaza ko ingomero zikomeje kongerwa, muri gahunda yo kurushaho kongera amashanyarazi.

Hari ingomero zirimo kubakwa, iziri mu nyigo ndetse n'iziteganyijwe harimo Nyabarongo II (43.5 MW), Rukarara VI HP (9.7MW). Nyirahindwe HPP (0.909 Mw), Rusizi III HEP (206 MW) uhuriweho n'u Burundi na DRC: Imirimo yaratangiye ariko iragenda buhoro kubera ibibazo bya politiki biri mu bihugu bihuriye kuri uyu mushinga. Ingomero ziri mu nyigo harimo kwagura urugomero rwa Ntaruka HPP.

Inganda z'amashanyarazi ziteganyijwe ni Mpanga Solar PV (30 MW), Nyabarongo 2 Solar PV (200 MW), Izuba CB Energy Rwanda (4.13 MW), Nyundo (4.5 MW), Base 1 (2.9 MW), Rukore (2 MW), Rucanzogera (1.9 MW), Muvumba Multipurpose Dam (1MW) na Nyirahindwe 2 (0.359 MW).

Mu rwego rwo kongera ibikoresho no gusimbuza ibishaje birimo gukorwa ku buryo byavuye kuri kilometero 944,39 mu mwaka wa 2020/2021 bigera kuri kilometero 1,158 mu mpera za 2025.

Ibiteganywa mu kongera umuriro w'amashanyarazi

Harateganywa kongerera ubushobozi imiyoboro iringaniye ya 'monophase' yose ikaba 'triphasé'. Icyiciro cya mbere cy'umushinga wo kongera ubushobozi imiyoboro iringaniye cyaratangiye mu Ntara y'Uburasirazuba.

REG ikomeje gusimbura amapoto ashaje n'atujuje ubuziranenge, icyo kigo kikaba cyarafashe ingamba zo guhuza ibikorwa byo gukwirakwiza amashanyarazi mu rwego rwo kugabanya ikoreshwa ry'ibikoresho bitujuje ubuziranenge.

Hari n'imishinga by'umwihariko REG irimo gushyira mu bikorwa nk'imiyoboro iringaniye ica mu butaka irimo kuvugururwa muri Nyarugenge. Mu Mujyi wa Kigali, gusana imiyoboro ikwirakwiza amashanyarazi irakomeje kandi imiyoboro y'amasitatiyo akomeje gutunganywa no kwagurwa hirya no hino mu gihugu.

Amakusanyirizo

Mu mpera za 2025, hari hamaze kubakwa sitasiyo 37 zifasha REG gukwirakwiza amashanyarazi mu duce twose tw'Igihugu. Hari sitasiyo umunani zirimo kubakwa ari zo Rubavu, Bwishyura, SPLK Phase 3, Muhanga, Gicumbi, Nyagatare, Huye na Kirehe.

Sitasiyo umunani zirimo kongererwa ubushobozi ngo zijyane n'icyerekezo cy'Igihugu mu kongera amashanyarazi ni Kigoma, Birembo, Rukarara, Kibuye, Rwinkwavu, Gabiro, Gisagara na Kibogora.

Ikigo cy'Igihugu cyo gukwirakwiza Amashanyarazi, gifite icyerekezo cyo kugabanya ibura rya hato na hato ry'amashanyarazi hasimbuzwa ibyuma bifite ingufu nkeya, kongera amasoko atanga ingufu zitangiza ibidukikije. Gushyira mu bikorwa igishushanyo mbonera cyo gukwirakwiza amashanyarazi mu Rwanda (NEP) no gukomeza gutsura ubufatanye bw'Akarere hubakwa imiyoboro migari ihuza u Rwanda n'ibihugu by'abaturanyi.



**Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb Nduhungirehe Jean Patrick Olivier yitabiriye inama yagarukaga ku ngufu z'amashanyarazi**

# Hamuritswe ubushakashatsi bugaragaza urwego rw'imyigire mu Rwanda

KAMALIZA Agnes

***Ku wa Mbere tariki ya 15 Kamena 2026, hamuritswe ubushakashatsi bwakozwe n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri (NESA) muri Gicurasi 2025, hagamijwe gupima urwego rw'imyigire n'imyigishirize mu Rwanda (LARS).***

Ubu bushashatsi bukorwa buri nyuma y'imyaka ibiri, bwakorewe ku banyeshuri 22 950 bo mu mashuri 592 mu Turere twose tw'Igihugu biga mu mashuri yo mu mwaka wa wa gatatu n'uwa gatandatu ubanza ndetse n'abo mu wa gatatu w'ayisumbuye, aho bwapimye amasomo y'ingenzi arimo Ikinyarwanda, Icyongereza, Imibare ndetse na Siyansi.

NESA igaragaza ko mu isomo ry'Imibare, abanyeshuri 63% bo mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza ari bo bagejeje ku bipimo bisabwa ugereranyije na 68,7% mu mwaka wa gatandatu na 57,5% mu mwaka wa gatatu w'ayisumbuye.

Ni mu gihe abanyeshuri 15% gusa ari bo babasha gukora ibibazo birimo kubara, gukuba, kugabanya na ho 4% biga mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza ari bo babasha kumva ibyo basoma mu rurimi rw'Icyongereza.

Mu rurimi rw'Ikinyarwanda ubwo bushakashatsi bugaragaza mu banyeshuri bo mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza, abashoboye gusoma amagambo 35 mu gihe cy'umunota umwe bangana na 49%, mu bijyanye no gusoma interuro ni 71%, mu gihe ababashije gusubiza ibibazo bijyanye n'umwandiko basomye ari 44%.

Mu rurimi rw'Icyongereza iri suzuma rigizwe n'ibice bitatu aho hasuzumwe ubumenyi bw'umunyeshuri mu bice bitatu birimo uko asoma amagambo, uko asoma ari mu nteruro ndetse n'uko umwana abasha kumva kumva ibyo yasomye muri ya nteruro.

NESA igaragaza ko ibyavuye mu bushakashatsi bishimangira ko 76% bose bibagora gusubiza ibibazo by'ibyo basomye, 63% ni bo babashije gusoma amagambo, mu gihe 46,6% ari bo bagejeje ku bipimo bishingirwaho mu gusoma ijambo ku rindi (ni ukuvuga amagambo 35 mu munota).

Umuyobozi Mukuru wa NESA, Dr. Bahati Bernard agira ati: "Kumva ibyo basomye abana 76% bose birabagora kugira ngo basubize ibibazo by'ibyo basomye."

Dr. Bahati akomeza avuga ko abana bagorwa no kuvana amakuru mu byo basomye nubwo baba babashije kubisoma ariko ugasanga nko kwerekana amagambo n'ibindi bintu byoroshye bitabasaba gutekereza cyane byo babishobora.

Agaragaza ko mu biga mu wa Gatatu n'uwa Gatandatu w'abanza mu buryo bwa rusange mu rurimi rw'Icyongereza abangana 25,8% gusa ari bo babasha gusubiza ibibazo biba byagaragaye mu byo basomye ndetse atari mu Cyongereza gusa ahubwo no mu Kinyarwanda icyo kibazo gihari.

Agira ati: "Ibintu byoroshye bitabasaba gutekereza cyane barabishobora ariko wabasaba gusubiza ibibazo runaka bikabagora kandi si mu Kinyarwanda gusa no mu Cyongereza ni uko. Kwerekana ibintu biri mu nteruro birabagora ku buryo 25,8% ari bo babishobora, gusoma barageragaza ariko kumva ibyo basomye ni ikibazo."

Minisitiri w'Uburezi, Nsengimana Joseph ahamya ko ikibazo cy'abanyeshuri badasobanukirwa inyandiko basomye, kimwe n'ibindi byuho byagaragajwe n'ubushakashatsi bikwiye gushakirwa umuti mu maguru mashya.

Avuga ko hari icyuho mu barimu no mu banyeshuri mu rurimi rw'Icyongereza ariko hari porogaramu zihari nk'amahugurwa ku barezi no gutoza abanyeshuri kuvuga no kumenya urwo rurimi byose bigamije kuziba icyo cyuho.

Yagize ati: "Abanyeshuri n'abarimu haracyari ikibazo mu Cyongereza; tumaze kukivugaho kenshi ariko ubu hari porogaramu yo guhugura abarimu kandi irakora ikaba izamara imyaka ibiri ndetse abarimu bose barayikurikira. Hari n'indi iri gukorwa ifasha abanyeshuri uburyo bwo kuganira kandi turizera ko bizatanga umusaruro."

Minisitiri Nsengimana agaragaza ko hazakomeza gushyirwamo imbaraga mu ndimi n'andi masomo hagamije kuzamura ireme ry'uburezi biganisha mu Cyerekezo 2050.

Avuga ko amakuru y'ingenzi ava mu bushashatsi azakomeza gufasha gushyiraho ingamba kandi ibyo bigaragaza ubushake buhari mu guteza imbere uburezi bw'u Rwanda.

U Rwanda rugamije kubaka ubukungu bushingiye ku bumenyi n'ikoranabuhanga mu Cyerekezo 2050, hakaba hari ingamba zo kunoza ireme ry'uburezi, hahangwa udushya n'amahirwe angana kuri bose.




Minisitiri w'Uburezi Nsengimana Joseph yashimangiye ko hakenewe ingamba zifasha abanyeshuri gusobanukirwa neza Ikinyarwanda




Umuyobozi Mukuru wa NESA Dr Bahati Bernard yagaragaje ko mu mashuri abanza mu mwaka wa gatatu hari ikibazo cyo gusobanukirwa ibyo basomye mu Kinyarwanda

# U Rwanda rwashimiye Afurika y'Epfo igiye kongera guha Visa Abanyarwanda

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Guverinoma y'u Rwanda yashimiye byimazeyo iya Afurika y'Epfo yemeye gusubukura guha Visa abaturage b'u Rwanda bitarenze mu gihe cy'amezi 12 ari imbere, nyuma y'imyaka 12 ishize nta Munyawanda utunze pasiporo isanzwe wemerewe kuyihabwa muri icyo gihugu.***

Biteganyijwe ko bitarenze mu mwaka wa 2027 hagati, Abanyarwanda batunze pasiporo zisanzwe bazatangira guhabwa Visa zibemerera gutembera muri Afurika y'Epfo, aho bibonwa nk'intambwe ikomeye cyane mu kurushaho kuzahura umubano w'icyo gihugu n'u Rwanda.

Ni imwe mu nkuru zakoze ku mitima ya benshi mu zishimangira umusaruro w'uruzinduko rw'akazi rwa Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb. Nduhungirehe Jean Patrick Olivier muri Afurika y'Epfo rwatangiye kuri uyu wa Gatatu.


Muri uru ruzinduko, Minisitiri Amb. Nduhungirehe yagiranye ibiganiro na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga wa Afurika y'Epfo, Ronald Lamola byibanze ku kureba ku ngamba zigamije kuzahura umubano wajemo agatotsi mu mwaka wa 2014 bitewe n'ibibazo bya Politiki.

Ibyo biganiro byagaragajwe n'impande zombi nk'ibigamije kongera gusubiza ku murongo uwo mubano, aho byanagarutse ku ngingo zirimo ubutwererane mu bucuruzi, ubukerarugendo, ubuzima, uburezi, umutekano ndetse n'ubutwererane bwagutse bw'Akarere.

Nyuma y'ibyo biganiro Minisitiri Amb Nduhungirehe yashimiye mugenzi we wa Afurika y'Epfo agira ati: "Wakoze muvandimwe Ronald, kunyakira neza ndetse n'ibiganiro byubaka twagiranye uyu munsi i Pretoria, bigamije gusubiza mu buryo umubano w'u Rwanda na Afurika y'Epfo, tunagaruka ku miterere y'umutekano ku mugabane wacu."

Yakomeje agaragaza uburyo u Rwanda rwanyuzwe n'umusaruro w'iyi nama, by'umwihariko ku birebana no kugarura visa ku batunze pasiporo zisanzwe. Ati: "By'umwihariko twashimishijwe n'umusaruro ufatika w'inama, cyane cyane isubukurwa ryo guha visa abaturage b'u Rwanda mu gihe cy'amezi 12 ari imbere, no gutangiza Komisiyo Ihuriweho Yiga ku Butwererane izahurira i Kigali mu gihembwe cya mbere cya 2027."

Yaboneyeho gushimira Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame na Perezida wa Afurika y'Epfo Cyril Ramaphosa ubushake bwa Politiki bagaragaje mu kuzahura ubutwererane bw'ibihugu byombi binyuze mu gutangiza urugendo rw'ubutwererane mu nyungu z'abaturage b'ibihugu byombi na Afurika muri rusange.



Guverinoma y'u Rwanda yashimiye iya Afurika y'Epfo yemeye gusubukura guha Visa abaturage b'u Rwanda

Minisitiri Ronald Lamola na we yashimiye Amb. Nduhungirehe anamuha ikaze amwifuriza kugubwa neza muri uru ruzinduko rw'akazi we n'itsinda rimuherekeje bagiriye muri Afurika y'Epfo.

Yavuze ko banyuzwe no kuba Minisitiri Amb. Nduhungirehe yasuye Urwibutso rwa Hector Pieterson rushyinguye amateka y'abanyeshuri bishwe bigaragambiriza ivanguraruhu ku wa 16 Kamena 1976 muri Soweto.

Yavuze ko nubwo ibihugu byombi bifite ibyo bitumvikanyeho ariko umubano wabo utahwemye kuba mwiza, ushingiye ku butwererane no kubahana.

Yongeyeho ati: "Afurika y'Epfo n'u Rwada bifite inshingano iremereye yo kurushaho gukorana, kuko hari byinshi bihuza abaturage bacu. Ibihugu byacu byavuye mu hahise hakomeye, uhereye ku gihe cy'ivanguraruhu muri Afurika y'Epfo na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu Rwanda. Ntituzigera twibagirwa kandi tuzahora twibuka intwari zatanze ubuzima ngo zubake umusingi w'ibihugu byacu byombi ari byo u Rwanda na Afurika y'Epfo."

Biteganyijwe ko Perezida Kagame na Ramaphosa bazahura mu minsi iri imbere, mu rwego rwo kurushaho gushimangira intambwe ikomeje guterwa mu kwimakaza ubutwererane bw'u Rwanda na Afurika y'Epfo.

# Umusaruro mbumbe w'u Rwanda wiyongereyeho 10% mu gihembwe cya mbere cya 2026

**ZIGAMA Theoneste**

***Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR) cyatangaje ko umusaruro mbumbe w'Igihugu (GDP) wazamutseho 10% mu gihembwe cya mbere cya 2026, ugereranyije n'igihe nk'icyo mu mwaka wa 2025. Uyu musaruro wageze kuri miliyari 6 345 z'amafaranga y'u Rwanda, uvuye kuri miliyari 5 276 Frw mu gihembwe cya mbere cya 2025.***

Mu nzego zatanze umusanzu muri uwo musaruro, urwego rwa serivisi rwagize uruhare rungana na 52%, inganda zigira 24%, ubuhinzi bugira 19%, mu gihe ibindi bikorwa by'ubukungu byagize uruhare rwa 5%. Ibi bikubiye muri raporo yashyizwe ahagaragara ku wa Kabiri, tariki ya 16 Kamena 2026, mu kiganiro NISR na Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINICOFIN) bagiranye n'abanyamakuru.

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi, Yusuf Murangwa, yavuze ko nubwo intambara iri kubera mu Burasirazuba bwo Hagati ishobora kugira ingaruka ku bukungu bw'Isi, ubw'u Rwanda bwakomeje kwiyongera muri iki gihembwe cya mbere cya 2026. Yagize ati: "Nubwo intambara yatangiye mu kwezi kwa gatatu, ibikomoka kuri peteroli twari twaratumije byari bisanzwe biri mu nzira. Ubu dutegereje kureba uko bizagenda mu gihembwe cya kabiri."



Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi, Murangwa Yusuf

Minisitiri Murangwa yagaragaje ko ubukungu bw'u Rwanda bukomeje kwerekana ibimenyetso by'izamuka rihamye, ashimangira ko nibura mu gihe nta gihungabanya ibikorwa by'ubukungu, iri zamuka rizakomeza. Yongeyeho ko u Rwanda rukomeje gufata ingamba zo guhangana n'ingaruka zishobora guterwa n'iyo ntambara, harimo kwihutisha ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga y'ishoramari no kongera ubushobozi bw'ubukungu imbere mu gihugu.

Umusaruro w'ubuhinzi, inganda na serivisi wariyongereye

Imibare ya NISR igaragaza ko umusaruro w'urwego rw'ubuhinzi wazamutseho 8%, uw'inganda wiyongeraho 13%, mu gihe urwego rwa serivisi rwazamutseho 7%. Mu rwego rw'ubuhinzi, umusaruro w'ibyoherezwa mu mahanga wazamutseho 39%, ahanini bitewe n'izamuka rya 86% ry'umusaruro w'ikawa. Umusaruro w'icyayi wagabanyutseho 3%, mu gihe uw'ibihingwa ngandurarugo wazamutseho 3%.

Inganda zatanze umusaruro ushimishije

Urwego rw'inganda rwakomeje kuba imwe mu nkingi z'iterambere ry'ubukungu, aho umusaruro warwo wazamutse bitewe n'izamuka rikomeye ry'inganda zitunganya ibintu bitandukanye. Mu byagize uruhare runini harimo izamuka rya 52% ry'umusaruro w'inganda zikora ibyuma, 57% ry'inganda zikora ibikoresho by'ubwubatsi birimo sima n'amatafari, 21% ry'inganda zikora ibikomoka ku binyabutabire n'ibikoresho bya pulasitiki na 22% ry'inganda zikora ibikomoka ku mbaho.

Serivisi zakomeje kuba inkingi y'ubukungu

Urwego rwa serivisi rwakomeje kugira uruhare runini mu bukungu bw'u Rwanda, aho umusaruro w'ubucuruzi buranguza n'ubudandaza wazamutseho 11%. Umusaruro w'urwego rw'ubwikorezi na wo wazamutseho 11%, harimo ubwikorezi bwo ku butaka bwiyongereyeho 10% ndetse n'ubwikorezi bwo mu kirere bwazamutseho 7%.

Mu zindi serivisi zagaragaje umuvuduko ukomeye harimo itumanaho n'ikoranabuhanga, aho umusaruro wabyo wazamutseho 22%, urwego rw'ibigo by'imari rwakomeje gutanga umusanzu ugaragara mu kuzamura ibikorwa by'ubukungu muri rusange ukaba wariyongereyeho 11% uw'uburezi wiyongereho 3% mu gihe umusaruro wa serivisi za resitora n'amacumbi wagabanyutseho 16%.

# U Rwanda rwatangiye kuyobora Inama y'Abaminisitiri b'Ibihugu bigize CCTTFA

**NTAWITONDA Jean Claude**

***U Rwanda rwatangiye kuyobora Inama y'Abaminisitiri b'Ibihugu bihuriye mu Muhora wo Hagati, aho Minisitiri w'Ibikorwa Remezo Eng. Murwanashyaka Damien yasimbuye Minisitiri w'Ubwikorezi n'Imirimo ya Leta muri Malawi, Jappie Mhango mu gihe icyo gihugu gisoza manda y'umwaka umwe.***

Ihererekanyabubasha ryabereye mu Nama ya 15 y'Abaminisitiri b'Ibihugu birindwi bihuriye mu Muryango woroshya Ubwikorezi bwo mu Muhora wo Hagati (CCTTFA) yabereye muri Tanzania guhera ku wa Kane tariki ya 18 Kamena 2026.

Minisiteri y'Ibikorwa Remezo (MININFRA) yatangaje ko iryo hererekanyabubasha ryabaye hagati y'abaminisitiri b'u Rwanda na Malawi, rishimangira igice gishya cyo kurushaho kongerera imbaraga ubufatanye.

Iyo nama yasuzumye urugendo rw'ishyirwa mu bikorwa ry'ibikorwa byo mu Mwaka w'Ingengo y'Imari ya 2025/26 ndetse banemeza Igenamigambi n'Ingengo y'Imari y'Umwaka wa 2026/27.

Nanone kandi, ba Minisitiri bitabiriye iyo nama bagiranye ibiganiro byibanze ku guteza imbere ubucuruzi, koroshya serivisi za gasutamo ku mipaka, kugabanya ibisabwa ku mipaka no kwihutisha imishinga y'ibikorwa remezo ikomeye irimo nk'iya gari ya moshi itegerejwe mu bihugu bitandukanye birimo n'u Rwanda.

Uyu ni wo mushinga ushyizwemo imbaraga cyane ku Rwanda kuko witezweho guhuza icyambu cya Dar es Salaam muri Tanzania n'Umujyi wa Kigali, ndetse n'Ikibuga cy'Indege Mpuzamahanga cya Kigali giherereye i Bugesera.

Ku ruhande rwa Tanzania, imirimo yo kubaka igice kinini cy'inzira ya gari ya moshi irakomeje, ndetse no mu Rwanda hakaba haramaze guterwa imbago zerekana aho izanyura. Iyi gari ya moshi izaba ikoresha amashanyarazi, aho itwara abagenzi izajya igenda ibilometero 120 ku isaha, naho itwara imizigo ikagenda ibilometero 80 ku isaha.

Umuryango CCTTFA uhuza ibihugu byiganjemo ibidakora ku nyanja n'Icyambu cya Dar es Salaam muri Tanzania uhuriwemo na Tanzania, u Rwanda, u Burundi, Uganda, Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), Malawi yinjiyemo mu 2023 na Zambia yinjiyemo mu 2024.

Intego z'uyu Muryango zirimo guharanira ko Umuhora wo Hagati ukoreshwa mu buryo bubereye buri muturage wo mu bihugu biwuhuriyeho, ufite imihanda igabanya igihe abacuruzi bamara mu nzira batarageza ibicuruzwa ku isoko.

Uyu Muryango kandi ufasha mu gukomeza guharanira ko imbogamizi kuri gasutamo zose zavaho abacuruzi ntibatinde ku mipaka ahanini bitewe n'ubugenzuzi bukorwa mu buryo bw'umurengera.

Nanone kandi unafasha no gukurikirana ndetse no gushyigikira ibikorwa byo kubaka imihanda ihuza ibihugu bigize uwo muhora, yaba iyo ku butaka, iya gari ya moshi cyangwa iyo mumazi.

Uyu muryango ni ingenzi cyane ku Rwanda kuko Umuhora wo Hagati urufasha cyane mu kugerwaho n'ibicuruzwa rutumiza mu mahanga bica ku cyambu cya Dar es Salaam.



**Minisitiri w'Ibikorwa Remezo Eng. Murwanashyaka Damien yasimbuye Minisitiri w'Ubwikorezi n'Imirimo ya Leta muri Malawi, Jappie Mhango ku buyobozi bwa CCTTFA**

# Kenya n'u Rwanda byakuwe mu bihugu Isiraheli yafatiye ingamba kubera Ebola



**Isiraheli yakuye u Rwanda na Kenya ku rutonde ry'ibihugu bitemerewe lwerekezayo kubera ebola**

**NIYIRORA Theogene**

***Minisiteri y'Ubuzima ya Isiraheli yakuye u Rwanda na Kenya mu bihugu abaturage babyo bafatiwe ingamba zo kutinjira muri icyo gihugu kubera icyorezo cya Ebola kibarizwa mu karere ibyo bihugu biherereyemo, kikaba ari icyemezo cyafashwe nyuma y'ibiganiro bya Dipolomasi.***

Ibyo byemezo byafashwe kubera icyorezo cya Ebola cyagaragaye muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) no muri Uganda, bikagira ingaruka ku ngendo zikorerwa mu Karere ka Afurika y'Iburasirazuba kose.

Izo ngamba za Isiraheli ziracyakomeje ku bihugu birimo RDC, Sudani y'Epfo na Uganda, mu gihe hakiri impungenge z'ikwirakwira ry'iki cyorezo.

Ambasade ya Isiraheli mu Rwanda yagize iti: Tunejejwe no kubamenyesha ko Minisiteri y'Ubuzima ya Isiraheli yafashe icyemezo cyo gukura Kenya n'u Rwanda ku rutonde rw'ibihugu abaturage babyo babujijwe kwinjira muri Isiraheri kubera Ebola. Izi ngamba ziracyari mu ngiro kuri DC, Sudani y'Epfo na Uganda."

Izo ngamba ziteganya ko umuntu wageze mu bihugu byavuzwe mu minsi 21 ishize atemerewe kwinjira muri Isiraheli, kubera impungenge z'uko virusi ya Ebola yo mu bwoko bwa Bundibugyo ishobora kurenga imipaka.

Kenya yakuwe ku rutonde mu gihe Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga ya Kenya, Korir Sing'oei, yari yavuze ko igihugu cye kitishimiye icyo cyemezo, ashimangira ko Kenya yakoze ibizamini birenga 80 000 bya Ebola ariko nta murwayi n'umwe uraboneka.

Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buzima (WHO), rivuga ko kugeza uyu minsi abantu 782 bari bamaze kwandura Ebola, muri bo abamaze guhitanwa na yo bakaba 181 muri RDC. Muri Uganda iyo virusi imaze kuboneka ku bantu 19, ikaba yarahitanye abantu babiri.

# Abasaga 1 000 bamaze kuvurwa indwara z'umutima mu myaka 4 ishize mu Rwanda

NIYIRORA Theogene

***Minisiteri y'Ubuzima (MINISANTE) yatangaje ko hamaze kuvurwa abarwayi b'umutima 1 100 mu myaka 4 ishize, bigaragaza ko u Rwanda rumaze kubaka ubushobozi mu kuvura no gukurikirana abarwayi b'umutima bidasabye ko berekeza mu bindi bihugu.***

Byagarutsweho n'Umunyamabanga wa Leta muri MINISANTE, Dr. Butera Yvan ubwo yasuraga Laboratwari ikorerwamo ubuvuzi bw'indwara z'umutima hakoreshejwe uburyo bwa 'Cardiac Catheterization' ndetse n'Ishami ryita ku barwayi b'umutima barembye mu bitaro byitiriwe Umwami Faisal biherereye i Kigali (King Faisal Hospital Rwanda).

Yagize ati: "U Rwanda rumaze gutera intambwe nini mu bijyanye n'ubuvuzi bw'indwara z'umutima. Mbere y'imyaka 4 indwara z'umutima ni zimwe mu mpamvu zatumaga twohereza abarwayi benshi hanze ariko kuva iyo gahunda itangiye tumaze kuvura abarwayi bagera ku 1 100. Ku bufatanye n'abantu batandukanye ntabwo tuvura gusa, ahubwo twigisha n'abaganga b'Abanyarwanda kugira ngo buzarambe, hari bamwe bagiye kwiga mu gihugu cya Israeli hari n'abasoje amasomo bagarutse. Hari n'abandi baturuka hirya no hino mu Karere bakaza kwivuza hano mu Rwanda."

Kuri ubu, u Rwanda rwamaze kugira inzobere ya mbere mu kuvura indwara z'umutima z'abana hifashishijwe uburyo bwo gutabara budasaba kubagwa, inzobere ya mbere mu kwita ku bana bafite ibibazo bikomeye by'umutima (pediatric cardiac intensivist), ndetse n'inzobere ya mbere mu gutera ikinya abana babagwa umutima (pediatric cardiac anesthesiologist). Aba bose bahuguwe binyuze mu bufatanye bwa Save a Child's Heart n'Igihugu cya Israel.

Byongeye kandi, hari abandi banyamwuga b'Abanyarwanda bakomeje amahugurwa yisumbuye haba mu Rwanda no mu mahanga mu bijyanye no kubaga umutima, kuvura indwara zawo hakoreshejwe ikoranabuhanga rigezweho, gutera ikinya mu bikorwa byo kubaga umutima no kwita ku barwayi bawo barembye.

Ibi byose bituma abarwayi b'indwara z'umutima barushaho kubona serivisi zibafasha kurokora ubuzima bitabasabye kujya kwivuriza hanze y'Igihugu, mu gihe igihugu gikomeje kubaka ubushobozi bushingiye ku nzobere zifite ubumenyi n'ubuhanga buhanitse.

Ibi bije nyuma y'uko muri Mutarama 2025, Guverinoma y'u Rwanda yemeje sibijyanye nuko kubaga umutima ari indi serivisi yiyongereye ku zivurizwa kuri Mituweli.



Mu Rwanda hamaze kuvurwa abarwayi 1 100 b'umutima mu myaka 4 ishize

# Ibitaro bibangamiwe n'ubuke bw'ibyumba by'abarwayi-Minisitiri Murangwa



Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi Murangwa Yusuf yavuze ko ubukungu bw'u Rwanda bwakomeje kwiyongera mu gihembwe cya 1 cya 2026

ZIGAMA Theoneste

***Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN) yatangaje ko ibitaro byinshi byo mu Rwanda, cyane cyane ibikomeye, bikigaragaramo ikibazo cy'ubuke bw'ibyumba n'ibitanda byakira abarwayi, bityo hakaba hakomeje gushakwa ingengo y'imari yo kubyagura no kongera ubushobozi bwabyo.***

Byagarutsweho na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi, Yusuf Murangwa, ku wa 16 Kamena 2026, ubwo yagiranaga ibiganiro n'Abadepite bagize Komisiyo y'Ingengo y'Imari n'Umutungo bya Leta, batangiye gusuzuma umushinga w'itegeko rigena ingengo y'imari ya Leta y'umwaka wa 2026/2027.

Minisitiri Murangwa yavuze ko iterambere ryagezweho mu koroshya uburyo abaturage babona serivisi z'ubuvuzi ryatumye umubare w'abagana ibitaro wiyongera cyane, bituma hagaragara ikibazo cy'ubuke bw'ibyumba n'ibitanda byo kubakira abarwayi.

Yagize ati: "Hari ikibazo cy'ibyumba mu bitaro. Uko twazamuye uburyo bwo kubona ubuvuzi, abantu barushijeho kwiyongera. Hari igihe ukemura ikibazo kimwe kigatera ikindi. Turaganira na Minisiteri y'Ubuzima ku buryo ibitanda dufite byakongerwa."

Yagaragaje ko Ibitaro bya Kaminuza bya Kigali (CHUK) biri kwimurirwa i Masaka bizungukira mu kongererwa ubushobozi, aho biteganyijwe ko bizaba bifite ibitanda bisaga 800, mu gihe aho bisanzwe bikorera bifite hagati y'ibitanda 200 na 300.

Ati: "Turimo gusuzuma hamwe na Minisiteri y'Ubuzima uburyo mu bitaro byose byo mu gihugu habaho umwanya uhagije wo kongera ibitanda by'abarwayi."

Minisitiri Murangwa yavuze kandi ko ikibazo cy'ubucucike bw'abarwayi n'ubuke bw'ibyumba kigaragara no mu bindi bitaro bikomeye birimo Ibitaro byitiriwe Umwami Faisal n'Ibitaro bya Gisirikare bya Kanombe, ashimangira ko gahunda yo kubyagura iri mu igenamigambi rya Leta.

Yagize ati: "N'iyo ugiye mu Bitaro byitiriwe Umwami Faisal ikibazo cya mbere uhura na cyo ni icyumba.

Wajya i Kanombe ugasanga na ho hari ikibazo nk'icyo. Mu igenamigambi ryacu twabihaye agaciro kandi turimo gushaka uburyo bwo kubona amafaranga yo kubyagura kugira ngo bikomeze gutanga serivisi nziza."

Perezida wa Komisiyo y'Ingengo y'Imari n'Umutungo bya Leta, Depite Uwamaliya Odette, yagaragaje ko umushinga wo kwagura Ibitaro bya Kibagabaga ugeze ku rwego rushimishije, ariko asaba ko wakwihutishwa kugira ngo abaturage bagerweho na serivisi nziza mu gihe cya vuba.

Yagize ati: "Umushinga wo kubaka inzu y'ababyeyi ku Bitaro bya Kibagabaga ni mwiza cyane. N'umwaka ushize twari twahasuye, tubona ko ufite akamaro gakomeye. Nurangira ntabwo uzafasha Abanyarwanda gusa kuko ni munini, kandi urebye uko ibyo bitaro bikora ubona ko hari ikibazo cy'ubushobozi bwo kwakira abarwayi."

Depite Uwamaliya yasabye MINECOFIN gushaka uburyo bwo kwihutisha uwo mushinga, cyane cyane mu gihe habayeho gusubiramo igenamigambi ry'ingengo y'imari.

Yagize ati: "Niba hazabaho kongera gusuzuma amafaranga ateganyijwe, murebe icyo mwakora kugira ngo uwo mushinga wihutishwe."

Yagaragaje ko kurangiza uwo mushinga bizafasha kugabanya ubucucike bw'abarwayi no kongera ubushobozi bw'Ibitaro bya Kibagabaga mu gutanga serivisi z'ubuvuzi.

Minisitiri Murangwa yijeje Abadepite ko Leta izakomeza gukora ibishoboka byose kugira ngo imishinga yo kwagura ibitaro yihutishwe, bityo ikibazo cy'ubuke bw'ibyumba n'ibitanda byakira abarwayi kigabanyuke mu gihugu hose.

# Umwana uzi ubwenge bamusiga yinogereza – MIGEPROF

**MUTETERAZINA Shifah**

***Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango (MIGEPROF), Batamuriza Mireille, yibukije abana ko na bo bafite inshingano zo kwita ku buzima bwabo, bakamenya ubushobozi bifitemo bwatuma bafatanya n'abandi mu gutanga umusanzu mu iterambere ryabo.***


Yabigarutseho tariki 16 Kamena 2026, mu Karere ka Kayonza ubwo hizihirizwaga Umunsi w'Umwana w'Umunyafurika ku rwego rw'Igihugu, ku nsanganyamatsiko igira iti: "Ndera neza, Nkure nemye."

Batamuriza avuga ko nubwo ababyeyi bakwiye kwita ku bana bakabaha uburere bwiza burimo ibikenerwa by'ibanze byubaka iterambere ryabo n'ibibafasha umwete mu masomo yanyu, mujye mujya mu biruhuko mube ab'umumaro."

Uwo muyobozi kandi akomeza agaragaza ko nubwo hari ibyo kwishimira byagezweho ariko hakiri urugendo n'ibyo kwitabwaho nk'ihohotera rikorerwa abana, imirimo ivunanye ikoreshwa abana, inda ziterwa abangavu, guta ishuri n'ibindi.

Umuyobozi w'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku bana mu Rwanda, UNICEF, Lieke van de Wiel yagaragaje ko mu myaka 40 bamaze bakorera mu Rwanda bishimira uburyo iterambere ry'umwana ryitabwaho.

Ati: "Mu myaka 40 UNICEF imaze ikorera mu Rwanda, twabonye iterambere ry'umwana rizamuka. Turashimira Leta y'u Rwanda ku ngamba yafashe zigamije guteza imbere uburezi bw'umwana, zirimo uburezi




**Abana bishimiye Umunsi Mpuzamahanga w'Umwana w'Umunyafurika**

mu marangamutima no kugira ubwonko bukura neza ariko kandi muri urwo rugendo umwana na we afite inshingano kugira ngo ibyo byose bigerweho.

Yagize ati: "Umwana uzi ubwenge bamusiga yinogereza… Tuba twaje kubasura, kubaganiriza ariko turabasiga mwinogereza.

Hano havugiwe byinshi ariko buri umwe akuremo ubutumwa bumureba, bumurinda we ubwe kugira ngo nk'umwana w'Umunyafurika azakomeze abeho imyaka myinshi aryoherwe n'iterambere. Mugire kuri bose, ubuzima bw'umwana n'umubyeyi, kurwanya imirire mibi, gukumira ihohotera rikorerwa abana; bikiyongeraho gufatira ifunguro ku ishuri kandi riboneye, ni byinshi twagendanyemo kandi tuzakomeza gukorana.

Mu Rwanda, Itegeko Nshinga riteganya ko umwana ari umuntu wese ufite munsi y'imyaka cumi n'umunani. Ibarura rusange ry'abaturage ryabaye mu 2022 ryerekanye ko abana bari munsi y'imyaka 18 mu Rwanda ari 45% by'abaturage.

# Abanyeshuri 44% b'uwa 3 w'abanza babasha gusobanukirwa ibyo basomye mu Kinyarwanda



**Abanyeshuri bazi gusoma bakanasobanukirwa Ikinyarwanga ni 44%**

**ZIGAMA Theoneste**

***Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC) yagaragaje ko mu mashuri abanza, cyane cyane mu mwaka wa gatatu, hakiri ikibazo cy'abanyeshuri bashobora gusoma amagambo ariko ntibabashe gusobanukirwa ibyo basomye uko bikwiye aho abagera kuri 44% ari bo babishobora hagendewe ku bipimo bisabwa.***

Ibi byagaragajwe n'ubushakashatsi bwakozwe na Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC) bugamije gupima urwego rw'imyigire n'imyigishirize mu mashuri yo mu Rwanda (Learning Achievement for Rwanda Schools bwamuritswe ku wa Mbere tariki ya 15 Kamena 2026.

Ubu bushakashatsi bwageze ku banyeshuri 22 950 bo mu mashuri 592 aherereye mu turere twose tw'Igihugu. Bwapimye abanyeshuri bo mu mwaka wa gatatu n'uwa gatandatu w'amashuri abanza ndetse n'abo mu mwaka wa gatatu w'amashuri yisumbuye, hagamijwe kureba uko uburezi bw'ibanze buhagaze.

Hapimwe amasomo y'ingenzi arimo Ikinyarwanda, Icyongereza, Imibare na Siyansi, aho MINEDUC ivuga ko ari yo afasha umunyeshuri gutekereza, gukemura ibibazo no kwitegurira ubuzima n'umurimo.

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri (NESA), Dr. Bahati Bernard, yavuze ko mu Kinyarwanda hasuzumwe ubushobozi bw'abanyeshuri muri ayo masomo, by'umwihariko harebwa uko basoma n'uko basobanukirwa ibyo basoma.

Yagize ati: "Igice cya mbere, ni ukureba uko umwana asoma amazina y'ibintu, ay'ibikoresho, umwana amenyereye gusoma. Hakaza n'ikindi gice aho basoma ayo magambo ariko ari mu nteruro. Hanyuma uburyo bwa gatatu mu Kinyarwanda ni uburyo basoma hanyuma bagasubiza ibibazo kuri uwo mwandiko twabageneye."

Mu banyeshuri bo mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza, abashoboye gusoma amagambo 35 mu gihe cy'umunota umwe bangana na 49%. Mu bijyanye no gusoma interuro, ababishoboye mu munota umwe bangana na 71%, mu gihe ababashije gusubiza ibibazo bijyanye n'umwandiko basomye ari 44%.

Dr. Bahati ati: "Dufite ikibazo gikomeye ko abana babasha gusoma ariko wababaza ibyo basomye 44% ni bo babasha kugusubiza uko babyumvise."

Minisitiri w'Uburezi, Nsengimana Joseph, yavuze ko ibyavuye muri ubu bushakashatsi bitanga amakuru y'ingenzi azafasha mu kuzamura ireme ry'uburezi mu Rwanda.

Yagize ati: "Harimo ikibazo gikomeye cyo kudasobanukirwa ibyo abana basoma nubwo basoma amagambo neza. Hari ababa bashaka gusoma ibyo banditse ariko isesengura rikerekana ko batumvise ibyo basomye. Ni ikintu tugomba guhagarukira kuko iyo utumvise icyo wasomye na we ntabwo ubasha kugisubiza neza."

Minisitiri Nsengimana yashimangiye ko gahunda n'ingamba zishyirwa mu bikorwa mu rwego rw'uburezi zikomeje gutanga umusaruro, nubwo hakiri ibibazo bimwe na bimwe bisaba imbaraga zinyongera.

Imibare ya MINEDUC igaragaza kandi ko abakobwa bitwaye neza kurusha abahungu mu bipimo byose by'isomwa ry'Ikinyarwanda. Mu gusoma amagambo, abakobwa bageze kuri 53% mu gihe abahungu bari kuri 47%.

Mu gusoma amagambo ari mu nteruro, abakobwa bageze kuri 74% mu gihe abahungu bari kuri 68%. Mu gusobanukirwa umwandiko no gusubiza ibibazo biwushamikiyeho, abakobwa bageze kuri 45% naho abahungu bari kuri 42%.

Ku rwego rw'Intara, Umujyi wa Kigali n'Intara y'Amajyepfo ni zo zagaragayemo abanyeshuri benshi bafite ibibazo mu gusoma Ikinyarwanda, mu gihe Intara y'Amajyaruguru ari yo yagaragayemo abanyeshuri benshi bafite ubushobozi bwo kugisoma neza ariko na yo ikaza inyuma mu kugira abanyeshuri benshi batabasha gusobanukirwa neza ibyo basomye.

# Ukwicuza k'umwarimu wigishaga ahishe inzoga mu itaburiya

**NYIRANEZA Judith**

***Kwiga ni byiza ariko kugira inshuti nziza bikaba akarusho, bitewe nuko hari ubwo umuntu aba afite ubumenyi bukamupfira ubusa n'amahirwe abonye akamuca mu myanya y'intoki kubera ikigare kibi nk'uko byagendekeye uwize akanaminuza, akajya abona akazi ariko ntakamareho kabiri kubera ibiyobyabwenge.***

Mwizerwa Olivier ufite imyaka 34, wize kaminuza mu ishami ry'ikoranabuhanga ariko akabatwa n'ibiyobyabwenge bitewe n'ikigare, yagiraga amahirwe yo kubona akazi, ariko ntakamaremo kabiri, yicuza igihe yataye.

Yagize ati: "Narinze ngera muri Kaminuza mu mwaka wa 3 ntarakoresha ibiyobyabwenge na rimwe, ariko ntangira kubikoresha kubera ikigare, inshuti mbi twagendanaga ngeze mu mwaka wa nyuma wa kaminuza, amasomo yabaye make. Nashyize imbaraga mu kubinywa iyo nza kubinywa mbere nta nubwo nari burangize kwiga. Nabitangiye amasomo yambanye make mbinywa meze nk'ushaka kubimara."



Mwizerwa Olivier mu basoje amasomo, wicuza igihe yataye, yiyemeje gukora cyane




Mwizerwa na bagenzi bakora amasabune y'amoko atandukanye

Avuga ko byagiye bimutesha akazi, n'aho akabonye atahamaraga kabiri, kuko iyo yahembwaga yongeraga kugaruka ku kazi ari uko maze amafaranga.

Ati: "Aho nakoze igihe kinini ni amezi abiri, iyo bampembaga bongeraga kumbona ari uko yashize. Nabikuzaga yose ngahita nyabara mu macupa, sinaguraga urukweto cyangwa ipantalo, nahitaga mvuga nti harimo inzoga zingana gute? Nahitaga mbara byeri zizavamo.

Yongeyeho ati: "Amahirwe yo kubona akazi narayabonaga, nagiye mbona akazi muri Rwanda Stock Exchange, nimenyereza umwuga mu Karere ka Nyarugenge, narigishije ariko bitewe n'urwego nari maze kugeraho ntabwo nari bukore kabiri, nkibona amafaranga ubwo sinagarukaga mu kazi, bakanyirukana, ngashakisha akandi kazi, nkakabona ngahembwa rimwe ubwa kabiri sinashoboraga kugasubiramo."

Yavuze ko hari nubwo yajyaga kwigisha afite inzoga (Icyuma) mu itaburiya, akaza kunyuzamo agasohoka mu ishuri akajya kunywaho.

Yagize ati: "Aho nigishaga najyaga kwigisha mfite mu itaburiya izi nzoga bita Icyuma, namara gutangira isomo ngasohoka gato nkajya mu bwiherero, nkayinywa, nkagaruka kwigisha bamwe mu banyeshuri bambonaga ijisho ryatukuye hakaba n'abatarabibonaga. Ikindi kibi nakoze ni ubwo bankuyemo imyenda hafi aho ku kabari, ibaze umunyeshuri akabona umwarimu bamukuyemo imyenda kubera inzoga."

Amahirwe yamucaga mu myanya y'intoki kubera ibiyobyabwenge

Yavuze ko yagiye agira amahirwe y'akazi ahantu heza ariko kubera kubatwa n'ibiyobyabwenge bamuhamagara bakamubura kuko atamaranaga telefoni kabiri.

Yagize ati: "Amahirwe nagize akomeye mu buzima, ahantu henshi nakoraga ibizamini barampamagaraga bakambura kuko nta telefone nagiraga no kuri e-mail nabohereje cyangwa mvuye gukora ibizamini baramburaga. Natsinze muri Save the Children barambura hari amahirwe menshi nagiye mbura, hari abagize amahirwe yo kujya kwimenyereza umwuga muri Banki Nkuru y'Igihugu, abagize amahirwe yo kujya kwiga mu mahanga njye bampamagara bakambura nahura n'abantu nyuma akaba ari bo bambwira amakuru."

Uwabaswe n'ibiyobyabwenge yitaza abamugira inama

Mwizerwa avuga ko uwabaswe n'ibiyobyabwenge yitaza ababa bashaka kumugira inama, kuko aba ameze nk'umuntu wibereye mu Isi ye.

Ati: "Inshuti zanjye, abanzi se iyo bambonaga bababazwaga n'ukuntu meze kandi twigana nari umuhanga, abo twahuraga barambwiraga ngo narasaze. Hari n'uwashatse kunjyana Iwawa, abandi bagashakisha ahandi banjyana ariko nahitaza mbitaza. Bagiraga imbamutima kubera uko bari banzi mbere n'ukuntu nahindutse mu gihe gito. Uwambonaga byamukoraga ku mutima, nananywaga n'itabi. "

Kwitabwaho bifasha kuva mu biyobyabwenge

Mwizerwa yavuze ko iyo habayeho amahirwe yo kwegerwa no kwitabwaho bifasha umuntu guhindura imyumvire, nubwo byabanje kumugora kwiyakira kuba yari hamwe n'abantu batize, gusa arebye igihe yataye yageragejе kumva vuba, ava mu biyobyabwenge.

Yagize ati: "Ubonye ukwitaho nk'uko nageze mu muryango wa Gikirisitu Teen Challenge, utanga inyigisho zigorora abijanditse mu biyobyabwenge, nk'uko nagejejweyo na bamwe mu bo tuziranye aho nakundaga kunywera i Nyabugogo Ku Mashyirahamwe, mbanza kujya mbangira, ariko nyuma nza kubemerera, banjyanyeyo ngenda mfite gahunda yuko nimpagera ntazabura icyo njyana. Gusa mpageze nasanze basenga ndahinduka, mpigira gukora amasabune muri gahunda yo kwiga amezi atatu kuzamura."

Avuga ko nyuma yo gusoza ayo masomo yumva azashakisha akazi kandi atazakomeza guheranwa n'ahahise, gusa agomba kugira icyo akora agakomezanya na cyo. Yatanze ubutumwa ku bijandika mu biyobyabwenge, avuga ko nta cyiza cyabyo, kuko byangiza imitekerereze y'umuntu akabona nta ejo heza, abagira inama yo kubivamo.

Pasiteri Willy Rumenera washinze umuryango wa Gikristu witwa Teen Challenge, yavuze ko gufasha abari barabaswe n'ibiyobyabwenge ari igikorwa gishimishije kubona abantu basaga naho babayeho nabi, ariko bakongera kugaruka mu muryango nyarwanda bagakorera Igihugu.

Yagize ati: "Umuryango Teen Challenge ukorera mu Karere ka Kamonyi mu Murenge wa Runda, utanga inyigisho zigorora abijanditse mu biyobyabwenge, izo nyigisho bahabwa zigira uruhare mu kubagarorora, bigafasha sosiyete nyarwanda ibyaha bikagabanyuka kuko baba bavuye muri ibyo biyobyabwenge. Ubu hasoje abantu 7, bamenye gukora isabune. Twizeye ko ubuzima bwabo kuri ubu bufite icyerekezo."

Dr. Darius Gishoma, Umuyobozi w'Ishami rishinzwe ubuzima bwo mu mutwe mu Kigo cy'Igihugu cy'Ubuzima (RBC), yagaragaje ko ibiyobyabwenge bituma ubifata adatekereza neza.

Yagize ati: "Ibiyobyabwenge bigira ingaruka ku mitereréze ya muntu, ku buryo ashobora gukora ibikorwa bibangamira sosiyete. Gusa iyo umuntu abonye abamwitaho aba afite amahirwe yo kubivamo. Iyo umuntu anywa ibisindisha cyangwa ibiyobyabwenge bigira ingaruka ku mitekerereze ye kandi bigateza ingaruka ku mubiri wose. By'umwihariko ku ngingo eshatu, ku bwonko, umwijima no ku mutima."

# Hari imiryango ifata abafite otizime nk'abatewe n'amadayimoni – Sena




**Inzego zitandukanye zaganiriye ku kibazo cya otizime n'uburyo bwo kuyirwanya**

**ZIGAMA THEONESTE**

***Sena y'u Rwanda yagaragaje ko mu bikorwa by'ubugenzuzi n'ubushakashatsi yakoreye hirya no hino mu gihugu, yasanze hari imiryango igifata Otizime (autisme) nk'ikibazo giterwa n'imyuka mibi cyangwa amadayimoni, bigatuma bamwe batinda kujyana abana babo kwa muganga ngo basuzumwe kandi bahabwe ubufasha bukenewe.***

Ibi byagarutsweho ku wa Gatatu, tariki ya 17 Kamena 2026, mu biganiro nyunguranabitekerezo byahuje abagize Sena y'u Rwanda, Minisiteri y'Ubuzima na Minisiteri y'Uburezi, hagamijwe kurebera hamwe uko ikibazo cya autizime gihagaze mu Rwanda n'ingamba zo kurushaho gufasha abahuye na cyo.

Perezida wa Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage, Uburezi, Ikoranabuhanga n'Urubyiruko muri Sena, Umuhire Adrie, yavuze ko nubwo hari intambwe zimaze guterwa mu kwita ku bantu bafite ubumuga butandukanye, abafite autizime bagikeneye kwitabwaho by'umwihariko.

Yagize ati: "Urebye abafite ubumuga bugaragara hari byinshi byakozwe mu kubafasha, ariko abafite ikibazo cya autizime ni abo kwitabwaho by'umwihariko. Hari n'abakiyitiranya n'indwara zo mu mutwe, kandi kuyitahura biracyari ikibazo."

Yakomeje avuga ko no kumenya umubare nyawo w'abafite autizime bikiri imbogamizi, kuko mu biganiro bagiranye n'inzego zitandukanye basanze nta mibare ihagije ihari igaragaza uko ikibazo giteye.

Yagize ati: "Kumenya ko umuntu afite autizime na byo twasanze ari ikibazo. Hari aho twasangaga abantu badafite imibare y'abafite icyo kibazo."

Umuhire yavuze kandi ko abana bafite autizime bakigorwa no kubona amashuri abafasha kwigana n'abandi, cyane cyane ko ibigo byinshi bibitaho ari ibyigenga.

Impamvu n'ibimenyetso bya autizime

Ati: "Twabonye ko ibigo byinshi byita ku bana bafite autizime byashinzwe n'abikorera. Nta bigo bya Leta byinshi twabonye byihariye bibafasha. Hari n'ababyeyi batekereza ko umwana afite imyuka mibi cyangwa yatewe n'amadayimoni, ntibamujyane kwa muganga ahubwo bakamujyana mu buvuzi bwa gakondo cyangwa mu masengesho."

Umuyobozi w'Ishami rishinzwe Ubuzima bwo mu Mutwe muri Minisiteri y'Ubuzima, Dr Gishoma Darius, yavuze ko umuntu umwe muri 120 ku Isi aba afite autizime.

Yasobanuye ko iki kibazo gikunze kugaragara cyane ku bahungu kurusha abakobwa, kandi ko ahanini gifitanye isano n'uturemangingo tw'umubiri (genetics).

Yavuze ko ubushakashatsi bugaragaza ko mu bana b'impanga nyazo, iyo umwe afite autizime undi aba afite ibyago biri hejuru byo kuyigira.

Dr Gishoma yavuze ko ibindi bishobora kugira uruhare mu kongera ibyago bya autizime harimo amateka y'umuryango, imiti imwe n'imwe umubyeyi ashobora kunywa atwite, ibibazo by'imirire, cyangwa kuba umwana yarahuye n'ikibazo cyo kubura umwuka igihe yari akiri mu nda cyangwa avuka.

Yagize ati: "Hari n'ubushakashatsi bwerekanye ko imyaka y'ababyeyi ishobora kugira uruhare mu kongera ibyago, ariko igice kinini gikunze kugarukwaho ni ikijyanye n'uturemangingo."

Yavuze ko ibimenyetso bikunze kugaragara ku bana bafite autizime birimo kudatabira iyo bahamagariwe amazina yabo, kutabasha kuvugana neza n'abandi ndetse no kugira imbogamizi mu mikoranire n'abandi bana.

Urugendo rw'umubyeyi wareraga umwana ufite autizime

Rwigamba Fred, umwe mu babyeyi bafite abana bafite autizime, yavuze ko urugendo rwo kumenya ikibazo cy'umwana we rwari rurerure kandi rurimo urujijo, kuko na bamwe mu baganga babanje kumwitaho bari batarasobanukirwa neza icyo kibazo.

Ati: "Umwana wanjye w'umuhungu ubu afite imyaka irindwi. Yavutse mu 2019 afite ibiro 3,9. Natangiye kubona afite imyitwarire itandukanye n'iy'abandi bana kandi ntiyabashaga kuvuga."

Yavuze ko yabanje kujyanwa kwa muganga kenshi, harimo no kwa muganga w'amatwi kugira ngo harebwe niba yumva neza, ariko ibisubizo ntibyaboneka.

Nyuma yaje no kujyanwa ku ishuri, ariko abarimu bagaragaza ko batashoboraga kumwitaho nk'abandi bana kubera ibibazo yari afite. Ati: "Nyuma twaje kumujyana muri Kenya, ari ho twabwiwe ko afite autizime."

Yasobanuye ko nyuma yo kubona ubufasha bwihariye, umwana we yagiye agaragaza iterambere, aho ubu ashobora kuvuga amagambo amwe n'amwe ndetse akaba ashobora gukora ibikorwa byinshi atabashaga gukora mbere.

Rwigamba yavuze ko hakiri ikibazo cy'uko abantu benshi badasobanukiwe autizime. Ati: "Hari igihe twari muri siporo, umubyeyi umwe aza kumbwira ngo mujye mwita ku bana banyu. Namusobanuriye ko umwana wanjye afite autizime, arayimenya bwa mbere, arambwira ati 'yoo, ihangane.' Ibyo bigaragaza ko abantu benshi batarayisobanukirwa."

Leta iri gushyira imbaraga mu burezi budaheza

Minisitiri w'Uburezi, Nsengimana Joseph, yavuze ko hari gahunda zigamije gufasha abana bafite autizime kubona uburezi buboneye. Yagize ati: "Twashyize imbaraga mu guhugura abarimu kugira ngo bamenye gutahura abana bafite ibibazo by'imikurire birimo autizime no kubafasha kubona ubuvuzi cyangwa uburezi bukwiye."

Yavuze ko no mu mashuri nderabarezi hashyizwemo amasomo ajyanye n'uburezi budaheza, kugira ngo abarimu bazabashe kumenya hakiri kare abana bafite ibibazo byihariye kandi bafashwe uko bikwiye.

Nubwo ikibazo cya autizime kigikomeje gutera impungenge mu Rwanda, inzego zitandukanye zigaragaza ko hari intambwe ziri guterwa mu kongera ubukangurambaga, gutahura hakiri kare abafite iki kibazo no kubafasha kubona uburezi n'ubuvuzi biboneye.

Mu 2025, Leta y'u Rwanda yatangaje gahunda yo kubaka amashuri yihariye atanu azafasha abana bafite autizime n'ibindi bibazo bikomeye by'imikurire y'ubwonko. Byongeye kandi, imiryango irimo Autism Rwanda ikomeje gutanga ubufasha n'ubukangurambaga ku miryango ifite abana bafite autizime, hagamijwe kurwanya imyumvire itari yo no guteza imbere ubuzima bwabo.

# Nyagatare: Abakoresha umuhanda Nyagatare-Tabagwe babangamiwe n'amatara yazimye

HITIMANA Servand

***Abagenzi bakoresha umuhanda uva mu mujyi wa Nyagatare werekeza mu Murenge wa Tabagwe bavuga ko babangamiwe no kuba amatara yo kuri uyu muhanda atacyaka aho kuri ubu mu masaha y'ijoro bahagenda mu mwijima.***



Abakoresha uyu muhanda binubira ko amatara yashyizweho ataka

Uyu muhanda washyizwemo kaburimbo n'amatara yo ku muhanda abawukoresha bavuga ko bari basanzwe bagenda batikanga kubera ko hakaga. Kuba amatara yo ku muhanda yarazimye ngo bigira ingaruka ku ikoreshwa ry'uyu muhanda kubera ko haba hijimye ndetse bamwe bagatinya kuwukoresha mu masaha akuze.

Karuranga Theodore yagize ati: "Uyu muhanda uca mu nzuri ahantu hamwe na hamwe hadatuwe ku buryo kuba twari dusanzwe tuwukoresha amasaha yose byaterwaga no kuba harakaga ku buryo ntawikangaga umutekano muke. Aho aya matara azimiye ubu twongeye kujya dutanguranwa n'amasaha kugira ngo tuve mu nzira hakibona."

Akomeza agira ati: "Twifuza ko uyu muhanda wakongera ugacanirwa kuko usigaye ugira abagenzi benshi baba bakeneye kugenda ahabona. Iyo hatabona biragoye kwizera umutekano kuko hari abikinga mu mwijima bakambura abagenzi."

Kamukazi Jane avuga ko kuba uyu muhanda utagifite urumuri bituma hari abacururizaga mu mujyi wa Nyagatare bataha kare bityo bikabateza igihombo.

Ati: "Ubu nkatwe abacururiza mu mujyi dusigaye dutaha kare kubera gutinya kuhanyura hatabona. Ni mu gihe ubusanzwe abakiliya bakunze kuboneka ku mugoroba bavuye mu kazi. Gutaha kare rero bitugiraho ingaruka zo gutaha tudacuruje uko byari bisanzwe cyangwa tugatangira make ibicuruzwa byacu kugira ngo twiyanure hakiri kare."

Umuyobozi wa REG ishami rya Nyagatare Niyonkuru Benoit avuga ko ibikorwa byo gucanira uyu muhanda n'indi mihanda yubakwa n'Akarere bihabwa ba rwiyemezamirimo bagirana amasezerano n'Akarere kakanakurikirana uko babishyira mu bikorwa aho ibidakozwe neza basabwa kubikosora.

Ati: "Iyo rwiyemezamirimo hari ibyo atakoze neza abamuhaye isoko baramukurikirana agakosora ibisabwa nkuko biba bikubiye mu masezerano. Aha naho hararebwa ikibazo cyabaye tujye inama z'uko bikosorwa."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Matsiko Gonzague, yabwiye Imvaho Nshya ko iki kibazo kizwi ndetse ko hari ibyo bumvikanyeho na Rwiyemezamirimo kugira ngo uyu muhanda ucanirwe.

Yagize ati: "Iki kibazo turakizi ni ikibazo cya tekiniki cyabaye amatara arazima ariko turi gukorana na rwiyemezamirimo ushinzwe gucanira uriya muhanda kugira ngo akosore ibyangiritse, amatara yongere yake. Twabwira abaturage ko mu gihe cya vuba umuhanda wongera gucanirwa kuko turi kubikurikiranira hafi."

Uruhande ruriho amatara akaba ataka ni ukuva ahitwa mu Gakuba kugera Rutare, aha akaba ari ho hagiye kongera gucanirwa mu gihe ahandi hasigaye ho hatashyizweho amatara ariko na byo ngo bikaba bizakorwa umuhanda wose ugacanirwa ni ukuvuga ahashyizwe kaburimbo kuva mu Gakuba kugera Karama ku mbibi z'Umurenge wa Kiyombe.

# Muhanga: Imihanda mishya ya kilometero 2,6 yoroheje ubuhahirane n'ingendo mu Mujyi

HABIMANA Eric

***Abaturage batuye mu bice bitandukanye by'Umujyi wa Muhanga, cyane cyane mu Kagari ka Gahogo, bavuga ko kubakwa imihanda ya kaburimbo ifite uburebure bwa kilometero 2,6 byabafashije mu koroshya ingendo, kongera umutekano no kuzamura agaciro k'imitungo yabo.***

Ubuyobozi bw'Akarere ka Muhanga butangaza ko iyi mihanda yubatswe mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2025/2026 mu rwego rwo guteza imbere ubuhahirane n'iterambere ry'umujyi, aho imirimo yo kuyubaka yatwaye amafaranga miliyari zisaga eshatu z'amafaranga y'u Rwanda.

Abaturage bavuga ko mbere y'ikorwa ry'iyi mihanda bahuraga n'ibibazo byinshi.

Ntezimana Valens, utuye mu Mudugudu wa Nyarucyamo ya II mu Kagari ka Gahogo, yavuze ko hari ahantu hahoze hazwiho ibikorwa by'ubujura n'urugomo, cyane cyane mu masaha y'umugoroba n'ijoro mu bihe byatambutse, ariko ubu byamaze kuba amateka.

Yagize ati: "Mbere y'uko uyu muhanda wubakwa kandi ugashyirwaho amatara, hari ahantu nko kuri Wacaba no hafi y'umunara, kuko abajura bahategeraga abaturage bakabambura ariko ubu haraka, abantu baragenda mu bwisanzure kandi nta kibazo cy'umutekano gihari nk'uko byahoze."

Mujawurugo Sperancia, utuye mu Mudugudu wa Nyarucyamo ya III, na we yavuze ko ibikorwa by'urugomo byagabanutse cyane nyuma yo gushyiraho amatara no kubakwa iyi kaburimbo.

Ati: "Hari ahantu hano hafi ya Sinyora n'ahazwi nko Kurutoki rwo hafi yo kwa Zacharia byari bigoye kuhanyura nijoro kubera abantu bahategeraga abaturage bakabambura, saa kumi n'ebyiri byabaga bigoye kuhinyuza, ariko ubu umuhanda uraka hose, nta vumbi rikiharangwa ndetse abantu bataha batekanye."

Ntegeyimana Bosco, umwe mu bafite inzu bakodeshwa muri Nyarucyamo ya I, yavuze ko agaciro k'inzu kiyongereye nyuma y'ikorwa ry'iyi mihanda.

Yagize ati: "Mbere inzu y'ibyumba bibiri na salon yakodeshwaga amafaranga ibihumbi 20, kandi kubona umukiriya byari ikibazo, none ubu kubera umuhanda mwiza amatara n'isuku byiyongereye, ubukode bwarazamutse bugera hagati y'ibihumbi 30 na 45, kandi abakiliya baraboneka."

Umuyobozi w'Akarere ka Muhanga, Kayitare Jacqueline yavuze ko kubaka iyi mihanda biri muri gahunda yo guteza imbere Umujyi wa Muhanga no kuwugira Umujyi ugezweho wunganira Kigali.

Ati: "Twishimiye aho ibikorwa bigeze nubwo hakiri imirimo mike yo kunoza, umuhanda wamaze gutangira gutanga umusaruro, tuzakomeza gukorana n'abaturage kugira ngo ibikorwa remezo bikomeze gutuma Gahogo isa neza kandi itere imbere."

Nk'uko yabitangaje, Akarere gafite intego yo kubaka nibura kilometero 25 z'imihanda mu gihe cy'imyaka itanu, kuva mu 2024 kugeza mu 2029. Kugeza ubu hamaze kubakwa ibilometero birenga birindwi, nubwo ikibazo cy'ingengo y'imari kigikomeje kudindiza umuvuduko w'ikorwa ry'imwe mu mishinga iteganyijwe.

Abaturage bavuga ko ibikorwa nk'ibi bikomeje guhindura isura y'Umujyi wa Muhanga, bikongera amahirwe y'ishoramari, ubuhahirane ndetse n'imibereho myiza y'abawutuye.



Usibye imihanda itunganywa mu Karere ka Muhanga, hanuzuye isoko rishya rya Nyabisindu ryitezweho kugabanya ubucuruzi bw'akajagari

# Gatsibo: Ibyuzi by'amazi y'amatungo byatezaga impanuka byatangiye kubakirwa



Hatangiye kubakwa damu zibungabunga umutekano w'abaturage n'amatungo

NGABOYABAHIZI PROTAIS

***Abaturage bo mu Karere ka Gatsibo baravuga imyato gahunda yo kubakira no kuzitira ibyuzi by'amazi y'amatungo (dam sheets) kuko byatezaga impanuka aho bamwe bagiye bahasiga ubuzima bagiye kuvoma n'amatungo ashotse akarohama. Aba baturage bavuga ko uyu mushinga watangiye mu gihe bibuka abantu barindwi bahatakarije ubuzima ndetse n'amatungo yabo akarohamamo bigateza aborozi ibihombo bikomeye.***

Ibi bikorwa biri gukorwa ku nkunga y'Icyiciro cya kabiri cy'Umushinga ugamije guteza imbere ubworozi bw'inka zitanga umukamo (RDDP II), ukorera muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi.

Mu bice bitandukanye by'Akarere, cyane cyane ahakorerwa ubworozi, ibi byuzi byari bisanzwe bifite inkombe zitarinzwe neza, ku buryo byatezaga impanuka za hato na hato. Abaturage bavuga ko hari abantu benshi bahaburiye ubuzima, abandi bagakomereka, mu gihe inka na zo zajyaga zirohamamo.

Umworozi witwa Muyambe Peter wo mu Murenge wa Rwimbogo, avuga ko iki kibazo cyari kimaze igihe kinini gihangayikishije abaturage. Yagize ati: "Hari abantu barindwi bamaze kurohama muri aya mazi. Bamwe bajyaga kuvoma bakagera ahari amazi meza hagati mu kidamu bakanyerera bakagwa. Hari n'aborozi bakurikiranaga inka zabo zabaga zigiye kurohama na bo bakarohama. Kuba ubu ibi byuzi biri kubakwa neza kandi bizitiwe biraduha icyizere cy'umutekano."

Akomeza avuga ko n'amatungo yabo yajyaga ahura n'ingaruka zituruka kumiterere y'ibi byuzi, kuko hari ubwo yaburaga yarohamye no kuyakuramo bikaba ikibazo gikomeye. Yagize ati: "Iyo inka yinjiye ahantu hahanamye cyane kuyikuramo byabaga ikibazo. Ubu turizera ko ibi bikorwa bizatuma ayo makuba agabanyuka cyangwa akarangira burundu."

Mukandayisenga Béatrice na we wororera muri aka gace, avuga ko usibye ikibazo cy'impanuka, abaturage bahuraga n'ikibazo cy'amazi mabi. Yagize ati: "Aya mazi ni yo twifashishaga mu mirimo myinshi yo mu rugo kuko hano amasoko ari make cyane. Ariko wasangaga amazi yanduye kubera ko abantu n'amatungo bayakoresha hamwe. Ibi byuzi nibimara kubakwa neza bizadufasha kubona amazi meza kandi mu buryo bworoshye, ndetse n'umutekano wacu ube ubungabunzwe."

Abaturage badafite amatungo bo bavuga ko kujya kuvoma muri ibi byuzi byari akazi gakomeye kandi karimo ibyago byinshi. Umwe muri abo baturage witwa Nyirahabimana Vestine, avuga ko buri munsi kujya kuvoma byabasabaga kwitwararika cyane.

Yagize ati: "Twajyaga kuvoma tugatinya cyane. Hari aho wasangaga inkombe zisenyuka cyangwa zinyerera. Abana n'abagore ni bo byibasiraga cyane. Twumvaga inkuru z'abarohamye cyangwa abakomerekeye muri ibi byuzi. Kuba ubu biri kubakwa neza ni inkuru nziza ku baturage bose."

Sekanyange Leonard, Umuyobozi wungirije w'Akarere ka Gatsibo ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, avuga ko ikibazo cy'umutekano muke kuri ibi byuzi cyari kizwi kandi gihangayikishije, ariko ubuyobozi bwishimira ko kirimo gushakirwa umuti urambye.

Akomeza avuga ko ibi bikorwa bidafitiye akamaro aborozi gusa, ati: "Intego ntabwo ari ugufasha amatungo kubona amazi gusa. Turashaka no kurinda ubuzima bw'abaturage, guteza imbere isuku n'isukura ndetse no kongera ubushobozi bw'abaturage bwo kubona amazi mu buryo burambye. Ibi bikorwa nibiba birangiye, abaturage bazaba bafite amazi meza kandi impanuka zajyaga zibaho zizaba zagabanyutse cyane."

Umushinga RDDP II w'imyaka itandatu (2023-2030), washowemo miliyoni 100 z'amadolari ya Amerika (miliyari zisaga 146 z'amafaranga y'u Rwanda), ikaba igamije kugabanya ubukene no kunoza imirire binyuze mu bikorwa bigamije guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe ku mukamo n'amasoko yawo mu Turere 27 tw'u Rwanda.

# Nyagatare: Abagore bavuye mu 'bufutuzi' barashima ubuyobozi bwababukakuyemo

HITIMANA Servand

***Abagore bo mu Karere ka Nyagatare mu Mirenge ituranye n'umupaka bahoze bakora ubucuruzi bwambukiranya umupaka butemewe (ubufutuzi) bari bazwi nk'abafutuzi, bavuga ko bavuye ikuzimu aho bahuraga n'ibibazo birimo kwamburwa, gukubitwa no gufatwa ku ngufu, hanyuma bakaba bashimira ubuyobozi bwiza bwabafashije gukora byemewe n'amategeko.***

Abo bagore bahamya ko kujya mu bucuruzi butemewe buzwi nk'ubufutuzi babikoze bahura n'ingorane zikomeye ariko bakabwiziri-kaho bakeka ko bwabinjiriza amafaranga menshi. Nyirabahinde Amina ubu ari mu bagore bavuye mu bufutuzi bakishyira hamwe bihuriza muri koperative Icyerekezo ikorera mu Murenge wa Musheri. Avuga ko bakiri mu bucuruzi butemewe bararaga amajoro bagaca mu mazi bamwe bakayagwamo ndetse bakagirirwa nabi.

Yagize ati: "Ubucuruzi bwa magendu bwaratuvunaga ariko tukumva ko ari bwo buzadukiza vuba. Nyamara ntacyo byatumaririaga ahubwo twahuraga n'ibibazo bikomeye birimo kugwa mu migezi y'Umuyanja n'uw'Umuvumba twambutsa ibicuruzwa, abandi tukabyamburirwa iyo tubikuye muri Uganda. Hari kandi abakubitwaga ndetse kubera gukoresha amayira yo mu bwihisho hari n'abafatwaga ku ngufu."

Uyu mubyeyi akomeza avuga ko abenshi kujya muri ubu bucuruzi bahungaga imisoro, nyamara ngo nyuma yo gusonurirwa no kugirwa inama n'ubuyobozi basanze batinyaga ubusa, dore ko ngo bahungaga imisoro bumva ko igihe basoreshejwe ntacyo basigarana.

Ati: "Ubuyobozi bwaratwegereye buratwigisha budushishikariza gukora mu buryo bwemewe. Twasanze gukora tugasora ariko tukagira umutekano nta gihombo na gito kirimo cyane ko n'imisoro twibwiraga atari ko imeze, kuko usorera ikintu n'ubundi cyaguhaye inyungu. Turashima cyane ubuyobozi butadutereranye bukadukura mu rwobo twari twarerekejemo."

Mukakarangwa Dinah ubarizwa muri koperative ya Twitezimbere icuruza amavuta y'inka mu Murenge wa Rwempasha, na we agira ati: "Ubucuruzi butemewe narabuzinutswe. Nyuma yo gufashwa kubuvamo ubu ni bwo mbona ibibi byabwo n'ingaruka bwatugiragaho. Hari abavunitse kubera kwiruka duca mu nzira zitemewe. Ubu hari umubyeyi wavunitse akaguru n'ubu kanze gukira. Abagore twari abafutuzi nta gaciro twari dufite kuko uwakubonaga wese yarakwirukankanaga ukamburwa ndetse ntugire aho urega kandi n'ubikwambuye ntabigeze mu buyobozi."

Akomeza agira ati: "Uyu munsi turashima ubuyobozi bwiza bureberera abaturage igikwiye kandi kibafitiye akamaro. Ndashima Umukuru w'Igihugu wadushyiriyeho ubu buryo bwo kwegerwa n'ababishinzwe yaba Minisiteri y'Ubucuruzi, abashinzwe imisoro n'abandi batwigishije uko twakora mu buryo bwemewe kandi tukungaka. Ubu tuguwe neza cyane."

Mbabazi Rusi na we agira ati: "Turashima ko tweretswe uburyo bwo gukorera mu mucyo, ubu tukaba turi abacuruzi bubashywe utumaho igicuruzwa bakakikuzanira badakebaguza. Twavuye ahantu habi cyane kandi turashimira ubuyobozi bwatubaye hafi, bukadusindagiza kugera aho turi ubu."

Aba bagore bagiye bafashwa n'ubuyobozi kujya mu makoperative bigishirizwamo uburyo bwo kwita ku bucuruzi bwambukiranya imipaka mu buryo bwemewe ndetse bakanahabwa amahugurwa ku miyoborere y'amakoperative yabo n'icungamutungo.

Umuyobozi w'Akarere ka

KOMEZA KU RUP.17

# Nyagatare: Abagore bavuye mu ‘bufutuzi’ barashima ubuyobozi bwababakuyemo

IBIKURIKIRA URUP.16



70% by’abari mu makoperative y’abari abafutuzi ni abagore bashima uko bitabwaho mu gukora ubucuruzi bwambukiranya imipaka bwemewe

Nyagatare wungirije ushinzwe Iterambere ry’Ubukungu Matsiko Gonzague asaba abavuye mu bufutuzi gufasha bagenzi babo baba bakiburimo bakabireka. Anasaba abafashe iya mbere mu gukora uburuzi bwemewe gukomeza intambwe idasubira inyuma.

Ati: ”Ibintu byose ni urugendo. Tubanza kubashimira ko mwavuye mu gukorera mu nzira mbi ubu mukaba muri abacuruzi bazwi bagira uruhare mu iterambere ry’igihugu. Aho mutaragera ntimutezuke, mwatanye mujya imbere kuko nta mwana uvuka ngo ahite yuzura ingobyi. Hari inzitizi muhuye na zo mu makoperative yanyu ubuyobozi burahari ngo dufatanye kubishakira ibisubizo, kandi munadufashe kwigisha abagifite akayihayiho ko kuba muri biriya bikorwa bibi by’ubufutuzi babivemo”

Mu Karere ka Nyagatare habarurwa amakoperative y’abahoze mu bufutuzi agera kuri 11, abanyamuryango bayo, abasaga 70% ni abagore mu gihe abagabo bari munsi ya 30%.

Imibare ya Minisiteri y’Ubucuruzi igaragaraza ko ubucuruzi bwambukiranya imipaka bukorwa mu buryo butemewe n’amategeko bugera ku kigero cya 12% y’ibyoherezwa mu mahanga ndetse bukagera kuri 3% y’ibinjizwa mu gihugu bivuye hanze.

HABIMANA Eric

# Abahinzi n’aborozi bayobotse ikoranabuhanga n’ubunyamwuga byarabakungahaje

***Abahinzi n’aborozi bo mu hirya no hino mu gihugu bavuga ko kwimakaza ikoranabuhanga n’ubunyamwuga mu kazi kabo byabafashije kuva ku musaruro muke no gukora ibikorwa byo kwihaza mu biribwa gusa, bagera ku rwego rwo kubona amasoko ahoraho no kongera inyungu.***

Hari ababwiye Imvaho Nshya ko umusaruro wabo wazamutse uva kuri toni 15 ukagera kuri toni 25 kuri hegitari, mu gihe abandi binjiza miliyoni 18 z’amafaranga ku mwaka bavuye kuri miliyoni eshatu.

Abo twaganiriye ni abagize amakoperative akora ubworozi bw’amafi n’ubuhinzi bw’imboga n’imbuto bavuga ko impinduka bagezeho zishingiye ku gukoresha ikoranabuhanga no kwimakaza ubunyamwuga mu bikorwa byabo bya buri munsi.

Bemeza ko ibyo byabafashije kongera umusaruro, kunoza imicungire no kubona amasoko yizewe, bituma ibikorwa byabo bihinduka ubucuruzi bubabyarira inyungu.

Aba bahinzi n’aborozi bavuga ko mbere yo guhabwa amahugurwa bakoraga mu buryo bwa gakondo, bagashyiramo imbaraga nyinshi ariko umusaruro ukaba muke.

Nyuma yo guhabwa amahugurwa n’Umuryango UGAMA ku bufatanye na Twihaze Project, bungutse ubumenyi mu buhinzi n’ubworozi bwa kinyamwuga ndetse no gukoresha ikoranabuhanga mu micungire y’amakoperative, ibintu bavuga ko byahinduye cyane imikorere n’umusaruro wabo.

Mukansanga Marie Louise, umunyamuryango wa Koperative Impabaruta ikorera ubuhinzi bw’ibitunguru mu Murenge wa Gacurabwenge mu Karere ka Kamonyi, yavuze ko mbere bahingaga badafite amasoko yizewe, bigatuma umusaruro wabo utababyarira inyungu zikwiye.



Ubuhinzi n’ubworozi bwisunze ikoranabuhanga butanga umusaruro utubutse

Yagize ati: “Twatangiranye tudafite isoko kuko ibitunguru byacu babigurira ku murima. Ubu dufite amasoko yizewe kandi duhinga dufite amasezerano. Twavuye kuri toni 15 kuri hegitari tugera kuri toni 25, kandi igiciro cy’ibitunguru cyarazamutse ku buryo koperative n’abanyamuryango bayo bateye imbere.”

Mu bworozi bw’amafi na ho bavuga ko habaye impinduka zikomeye. Hakizimana John Uwimana, wo muri Koperative Ifi ya Gikeri ikorera mu Murenge wa Mushishiro mu Karere ka Muhanga, yavuze ko hari igihe bari bageze aho bareka ubworozi bw’amafi kubera igihombo babonaga.

Ati: “Mbere twabonaga toni ebyiri cyangwa eshatu ku mwaka kandi byadusabaga imbaraga nyinshi. Ubu iyo twarobye tubasha kubona ibiro bisaga 500 ku munsi. Abanyamuryango na bo babona amafi yo kurya mu ngo zabo, bikadufasha kurwanya imirire mibi no kongera amafaranga twinjiza.”

Rutazibanda Fidèle , umunyamuryango wa Koperative Isangano ry’Abarozi b’Amafi ikorera mu Karere ka Rusizi, yavuze ko kwimakaza ubunyamwuga byatumye ibikorwa byabo bihinduka ubucuruzi bufite inyungumu buryo burambye.

Yagize ati: “Twavuye ku kugurisha umusaruro wa miliyoni eshatu z’amafaranga ku mwaka tugera kuri miliyoni 18. Ubu abanyamuryango babona inyungu kandi bakizigama kuko twavuye ku kororera kurya gusa, tugera ku kororera amasoko.”

Abanyamuryango b’aya makoperative bavuga ko inyungu nyamukuru bakuye muri aya mahugurwa ari ukumenya gucunga neza ibikorwa byabo, kongera umusaruro, kubona amasoko yizewe no kuzamura imibereho y’ingo zabo.

Habanabashaka Melchior, uhagarariye Umuryango UGAMA, yavuze ko intego y’iyi gahunda yari ugufasha amakoperative yari yaratangiye gusubira inyuma kongera kwiyubaka no gukora ibikorwa bibyara inyungu.

Yagize ati: “Twabafashije kubona ubumenyi mu buhinzi n’ubworozi bwa kinyamwuga, tubongerera ubushobozi ndetse tubafasha gukoresha ikoranabuhanga. Ubu hari amakoperative atanga umusaruro uhagije ku masoko yo mu Rwanda no hanze yarwo, ibintu bitari byoroshye mbere. Ikindi ni uko bagenda bava ku mikorere ya gakondo bakajya ku bikorwa birambye kandi byunguka.”

Umukozi w’Ikigo cy’Igihugu gishinzwe Amakoperative (RCA), Ngoga Innocent, yavuze ko ikoranabuhanga n’imiyoborere myiza biri mu nkingi zikomeye zituma amakoperative aramba kandi yunguka.

Ati: “Amakoperative yakoraga mu buryo bwa gakondo yakundaga guhura n’ibibazo by’imicungire n’igihombo. Ubu abahuguwe bagaragaza impinduka zirimo gukorera mu mucyo, kubika amakuru neza no gucunga umutungo mu buryo bunoze. Ikirenze kuri ibyo, bongerewe ubushobozi ku buryo batagihaza gusa ingo zabo ahubwo banahaza amasoko.”

Aya makoperative yanahuguwe gukoresha urubuga rw’ikoranabuhanga rwa CoopsDMS (Cooperative Management System) rubafasha gucunga ibikorwa byabo, gukurikirana imari, kubika amakuru no koroshya itumanaho hagati y’abayobozi n’abanyamuryango.

Kugeza ubu, amakoperative 45 akora ibikorwa by’amafi arimo aborobyi, aborozi n’abacuruzi b’amafi, hamwe n’andi 15 akora ubuhinzi bw’imboga n’imbuto ni yo amaze kungukira muri gahunda ya UGAMA ku bufatanye na Twihaze Project.

Abayagize bavuga ko uretse kongera umusaruro, byabafashije kwagura ibikorwa byabo, kuzamura imibereho y’imiryango yabo no gutanga umusanzu mu iterambere ry’ubukungu bw’igihugu.

# Rubavu: Afungiye gukorera umwana we iyicarubozo



Kubera gukubitwa, umubiri w'umwana wishushanyijeho inkoni

**BAHUWIYONGERA** Sylvestre

***Kuri sitasiyo ya RIB ya Gisenyi mu Karere ka Rubavu, hafungiye Cyuzuzo Guillaume w'imyaka 30 ukurikiranywe gukorera iyicarubozo umwana we yibyariye, w'imyaka 7, amukubita birenze urugero, byateye uyu mwana ihungabana rikabije n'ibikomere ku mubiri, amuziza ko ngo iyo avuye ku ishuri ataha atinze. Uyu mugabo yatawe muri yombi ku wa 17 Kamena 2026.***

Hakizimana Ismael uturanye n'uyu mugabo mu Mudugudu wa Muhato, Umurenge wa Gisenyi, Akarere ka Rubavu, avuga ko uwo mugabo yatandukanye n'umugore we witwa Akimana Fridaus, amusigira uyu mwana afite amezi 3, asubira iwabo mu Karere ka Rwamagana n'ubu ari ho ari, nta wundi mugabo yashatse, nta n'undi mwana yabyaye. Cyuzuzo ukora amafirigo mu mujyi wa Rubavu, yasigaranye uwo mwana anashaka umukozi w'umukobwa umumufasha, umwana yiga mu wa 3 w'amashuri abanza mu ishuri ryigenga mu mujyi wa Rubavu.

Hakizimana yagize ati: "Yatangiye kujya ahohotera umwana avuga ko ataha bwije, akajya amukubita bikabije imigozi ya telefoni, insinga z'amashanyarazi n'inkoni, kugeza aho ajya agera ku ishuri ahinda umuriro, abayobozi b'ishuri bakamuhamagara ngo aze amujyane kwa muganga, umubyeyi ntajyeyo, n'ubundi yataha akamukubita, bakurikiranye umwana basanga ari inkoni aba yakubiswe."

Avuga ko wa mukobwa wamureraga agiye kuva muri urwo rugo ari we wasize atanze amakuru y'iryo yicarubozo, avuga ko umwana yafashwe n'ihungabana rikomeye kubera uburyo afashwe nabi na se, amukubita nk'ukubita igisimba, amubuza gukina n'abandi bana, kugeza ubwo umwana yari asigaye atagishaka gutaha, yanataha agashaka abamuherekeza.

Hakizimana Ismael yongeyeho ati: "Twamubajije icyo mu by'ukuri aziza umwana, atwereka muri kamera ngo iminota yamuhaye arayirenza, dusanga ubwabyo atari byo, ari ihohotera amukorera. Twamugiriye inama yo guha umwana nyina akaba ari we umurera, kuko irungu ubwaryo agira igihe ari mu rugo wenyine se atarataha ari ikibazo. Byakwanga akamuha kwa nyirakuru, akaharererwa kuko bafite ubushobozi aho kugira ngo umwana akomeze iyo mibereho mibi."

Kankindi Albertine utuye mu mujyi wa Rubavu, avuga ko kwica umwana urubozo gutyo atari byo, uyu mugabo akwiye guhanwa.

Ati: "Birababaje cyane kubona umwana agira imibereho mibi nk'iyo, agahinduka igikange, umubiri wose ari ibikomere, yarahungabanye azira gusa ngo ataha akina n'abandi bana akarenza iminota yahawe yo kugera mu rugo. Tunagaya nyina ugenda ntazatekereze umwana we kuko burya abagabo kurera bonyine birabagora.."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Gisenyi, Uwineza Francine, avuga ko aho bimenyekaniye basanze uyu mwana yarakorewe iyicarubozo rikabije ari yo mpamvu se yafashwe agashyikirizwa inzego z'umutekano, umwana akajyanwa kwitabwaho muri Isange One Stop Center.

Ati: "Yamukubitaga inkoni nyinshi mu mutwe n'umubiri wose, twasanze umwana ari ibikomere bisa, ku bice binyuranye by'umubiri, cyane cyane mu mutwe. Yari ageze ubwo yumva atagishaka gutaha muri uru rugo, yanataha agashaka abamuherekeza ngo nibasanga se ahari bamwinjize, basanga adahari agakingura kuko yari yaramuhaye urufunguzo rw'igipangu. Babanamo ari bonyine."

Yongeyeho ati: "Mu by'ukuri tugenzuye twasanze nta burara umwana afite, ahubwo yarahungabanyijwe n'iryo yicarubozo se amukorera n'ibyo bikomere by'umubiri agendana ari yo mpamvu, nk'ubuyobozi bushinzwe kurengera umwana, twamufashe agashyikirizwa sitasiyo ya RIB ya Gisenyi ngo abibazwe. Gucyaha umwana ntitubyanze ariko kumukubita umuca ibisebe mu mutwe n'umubiri wose, si byo."

Asaba ababyeyi kurera neza barinda abana ihohoterwa n'iyicarubozo, umwana yanakosa agahanwa kibyeyi, ntakubitwe kugeza ubwo akomeretswa n'inkoni nk'uko uyu basanze ameze, kuko inkoni nk'izo zangiza ubuzima bwo mu mutwe aho kumuhindura.

# Gisagara: Hegitari 34 237 z'ibyanya bigega zitezweho kuzamura umusaruro 50%



Ibyanya bigega

**BYUKUSENGE** Annonciata

***Abahinzi bo mu Karere ka Gisagara bavuga ko igihembwe cy'ihinga cya B batabonye umusaruro uhagije kubera ko ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe zatumye izuba riva igihe kirekire imyaka itaragera igihe cyo kwera, ariko ubuyobozi bw'aka Karere buhumuriza abaturage buvuga ko Hegitari ibihumbi 34 237 zo muri gahunda y'ibyanya bigega zizafasha mu kongera umusaruro.***

Mukeshimana Valentine atuye mu Kagali ka Shyanda, Umurenge wa Save akaba ari umuhinzi w'imboga n'ibishyimbo. Avuga ko igihembwe cy'ihinga cya B cyabarumbiye kuko nta musaruro babonye.

Ati: "Umurima najyaga nezamo ibilo 200 by'ibishyimbo, ubu nejejemo ibilo 80. Izuba ryavuye ibishyimbo bifite ururabo ntihazaho imiteja. Imvura yaguye impitagihe ibyari bikirwanya ni byo byazanye imiteja dupfa kurumbaguza."

Yagarutse ku bijyanye n'imihindagurikire y'ibihe yatumye barumbya, ati: "Iyo bavuze ngo dutangire guhinga hazagwa imvura ihagije, tukabona havuye izuba ryinshi, bavuga ngo imvura ni nke, ahubwo ikagwa ari nyinshi igatuma turumbya. Inyanya n'urusenda twahinze byararumbye kubera izuba, ariko inyanya zo zagize umwihariko wo kurumba kubera imvura nyinshi muri Mata."

Uwamahoro Charlotte utuye mu Murenge wa Save, avuga ko gahunda y'ibyanya bigega abona izongerera umusaruro abazaba bafitemo ubutaka.

Ati: "Ibyanya bigega barabidusobanuriye, ariko ufite ubutaka ahahanamye bigoye guhuza ubutaka ntabwo bizakugeraho n'iyo bwaba bunini ariko batuye ahantu hadashobora gukorerwa gahunda yo guhuza ubutaka."

Umuyobozi w'Akarere ka Gisagara wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Habineza Jean Paul, avuga ko nta muhinzi ukwiriye kugira impungenge z'umusaruro udahagije. Ati: "Ibyanya bigega bizafasha mu kongera umusaruro kandi byatangiye kugaragara. Iyo umusaruro wiyongereye bigera kuri buri wese kuko bigera no ku isoko aho duhahira bikaboneka. Bitandukanye nuko umusaruro uba muke no ku isoko ukabura, ariko utabashije kweza nibura ku isoko arabihabona. Twiteze ko ibyanya bigega bizazamura umusaruro ku kigero cya 50%."

Akarere ka Gisagara gafite ubuso bungana na Hegitari ibihumbi 42 494 zikorerwaho ubuhinzi, hakaba haziyongeraho ubuso bungana na Hegitari ibihumbi 34 237 zo muri gahunda y'ibyanya bigega.

## ITANGAZO RY'ISOKO

**Croix-Rouge Rwandaise**
**Rwanda Red Cross**

Date: 5$^{th}$/06/2026
Ref no……. /0107/SG/2026

Organisme d'Intérêt Public
Auxiliaire des Pouvoirs Publics
B.P. 425 Kigali – Rwanda
Email: rrcs@redcross.org.rw
Website: www.redcross.org.rw

**TENDER NOTICE**

**Tender Reference Nº: 030-DAT-Circular Economy-RRC-2025-2026**

**Client: Rwanda Red Cross**

**Project: Circular Economy**

**CONTRACT TITLE: Tender for Hiring a Construction Company to Construct 3 Sorting Points and 2 School Latrines in RUSIZI District.**

Rwanda Red Cross (hereinafter called "client") with the support of European Union through its Circular Economy Project budget intends to apply a portion of the funds to eligible payments under the tender for **Hiring a Construction Company to Construct 3 Sorting Points and 2 School Latrines in RUSIZI District** of which complete Terms of Reference are found in the tender document. The Rwanda Red Cross invites qualified bidders to submit bids for the mentioned tender.

Tender documents in English may be obtained on any working day at Rwanda Red Cross Head Quarters Kacyiru opposite former UTEXRWA, in procurement office – from Monday to Thursday at 9:00 AM to 5:00 PM and Fridays at 9:00 AM to Noon, upon presentation of proof of payment of a non-refundable fee of ten thousand Rwandan Francs (10,000) for the tender document to the account nº20000-40-4001-CRR/SG.opened at I&M Bank. The bank slip must bear the name of the bidder, the number and the title of the tender.

Well printed bids, properly bound and presented in three copies (one original and other two copies). All must be submitted in sealed envelopes containing the tender name and the consignment to the General Secretariat office at Rwanda Red Cross not later than **23$^{th}$ June 2026** at **2:00 pm**. The bid opening is scheduled to be conducted the same day at **2:30** pm Late bids will not be accepted.

The bids shall remain valid for a period of 120 days starting from the date of bid opening.

Sincerely.

**KARAMAGA Apollinaire**
Secretary General of Rwanda Red Cross

## ITANGAZO RY'ISOKO

**RILIMA ORTHOPEDIC SPECIALIZED HOSPITAL**
**Sainte Marie (ROSH, S$^{te}$ Marie)**
Tel: (+250) 795290784 / 795294948
E-mail: stmarie.rilima@gmail.com
Website: www.rilimaorthopaedic.rw

### Tender Notice / Invitation for Bids

**TITLE: PROVISION OF SECURITY SERVICE TO ROSH, S$^{te}$ MARIE (RILIMA AND KIGALI BRANCH)**

**METHOD: OPEN COMPETITIVE METHOD**

**SOURCE OF FUND: ROSH, S$^{te}$ MARIE ORDINARY BUDGET**

The RILIMA ORTHOPEDIC SPECIALIZED HOSPITAL, SAINTE MARIE (ROSH, S$^{te}$ MARIE) invites eligible bidders to submit bids for the Provision of security service (**Rilima and Kigali Branch**) as indicated in detail in the statement of requirement.

Tender Documents in *English* may be obtained from the Hospital working hours from publication invitation date. All interested bidder must pay non-refundable fee of *ten thousand Rwandan francs (10,000 Frw)* to the account of RILIMA ORTHOPEDIC SPECIALIZED HOSPITAL, SAINTE MARIE (ROSH, S$^{te}$ Marie) **N°100236844689 on Bank of Kigali (BK).**

A site visit is scheduled on **June 25$^{th}$, 2026 from 12:00 A.M. to 13:00 A.M** local time at RILIMA ORTHOPEDIC SPECIALIZED HOSPITAL, Sainte Marie **/ RILIMA MAIN HOSPITAL** and **June 26$^{th}$, 2026 from 10:00 A.M to 11:00 A.M** local time at RILIMA ORTHOPEDIC SPECIALIZED HOSPITAL, Sainte Marie/ **KIGALI BRANCH.**

Two copies of bids (Original and copy) will be submitted in one sealed envelope clearly marked: **"To Director General of ROSH, S$^{te}$ Marie, Tender of provision of security service to ROSH, S$^{te}$ MARIE (RILIMA AND KIGALI BRANCH) N0 12/F/2025-2026"** to Procurement office of ROSH, S$^{te}$ Marie No not later than July 10$^{th}$, 2026 at 11:00 A.M, the opening will be done on the same date at 11:30 A.M. at the hospital conference room.

All interested bidders may obtain some complementary information from the hospital working hours.

Bidding will be conducted in accordance with the Law governing Public Procurement.

Dane at Rilima on 18$^{th}$, June 2026.

**Dr Albert NZAYISENGA**
**Director General**

## ITANGAZO RY'ISOKO

**Croix-Rouge Rwandaise**
**Rwanda Red Cross**

Date: 5$^{th}$/06/2026
Ref……/0107/SG/2026

Organisme d'Intérêt Public
Auxiliaire des Pouvoirs Publics
B.P. 425 Kigali – Rwanda
Email: rrcs@redcross.org.rw
Website: www.redcross.org.rw

**TENDER NOTICE**

**Tender Reference Nº: 031-DAT-WHCA-RRC-2025-2026**

**Client: Rwanda Red Cross**

**Project: WHCA**

**CONTRACT TITLE: Tender for Purchase of sirens.**

Rwanda Red Cross (hereinafter called "client") with the support of Internal Federation of Red Cross "IFRC" through its WHCA Project, budget intends to apply a portion of the funds to eligible payments under the tender for **Purchase of sirens** of which complete Terms of Reference are found in the tender document. The Rwanda Red Cross invites qualified bidders to submit bids for the mentioned tender.

Tender documents in English may be obtained on any working day at Rwanda Red Cross Head Quarters Kacyiru opposite former UTEXRWA, in procurement office - from Monday to Thursday at 9:00 AM to 5:00 PM and Fridays at 9:00 AM to Noon, upon presentation of proof of payment of a non-refundable fee of ten thousand Rwandan Francs (10,000) for the tender document to the account nº20000-40-4001-CRR/SG.opened at I&M Bank. The bank slip must bear the name of the bidder, the number and the title of the tender.

Well printed bids, properly bound and presented in three copies (one original and other two copies). All must be submitted in sealed envelopes containing the tender name and the consignment to the General Secretariat office at Rwanda Red Cross not later than **23$^{th}$ June 2026** at **2:00 pm**. The bid opening is scheduled to be conducted the same day at **2:30** pm Late bids will not be accepted.

The bids shall remain valid for a period of 120 days starting from the date of bid opening.

Sincerely.

**KARAMAGA Apollinaire**
Secretary General of Rwanda Red Cross

## ITANGAZO RY'ISOKO

**UR - HG Ltd**
*University of Rwanda-Holdings Group Ltd*

**TENDER NOTICE**

**Title: Tender for the supply of one large bus for the transportation of University of Rwanda students.**

**Tender number: N° 06/G/2026/NCB/ UR-HG LTD**

**Source of funding : Generated Income**

UR-HG Ltd is a private limited company owned by University of Rwanda. Its mandate is to manage the income generating activities of UR in a cost-effective way. Their activities include clinical, dental, ophthalmology, imaging, and health & environmental related consultancies and research.

UR-HG LTD invites qualified bidders to bid for the tender for the **Supply of one large bus for the transportation of University of Rwanda students.**

The tender document showing the technical specifications of the bus to be supplied may be obtained from 8:00 am to 5:00 pm on any working day at UR-HG LTD (ex-KHI building), Procurement office at University of Rwanda, Nyarugenge Campus, next to Marriott Kigali Hotel, P.O Box. 7575 Kigali, Tel: 0787084134 upon presentation of a proof of payment of a non-refundable fee of Ten Thousand Rwandan Francs only **(10,000RWF)**to the Account N° 100003754922 in the name of UR-HG Ltd operational account opened at Bank of Kigali (BK).All bids shall be accompanied by a bid security from a recognized financial institution of **Seven Million Rwandan Francs (7,000,000 FRW).**

Well printed bids, properly bound and presented in three copies one of which is the original must reach at the address mentioned above not later than**8$^{th}$July,2026 at 12:00pm prompt local time** and be deposited at the procurement office. Late bids will be rejected.

Bids will be opened in the presence of bidders or their representatives who choose to attend in the UR- HG LTD board room, **the same day at 12:30pm.** The validity of the offers shall be 90 days from the date of opening of bids. The Outer envelope should clearly indicate the tender number and title.

Done at Kigali, on 15/06/2026

MUGESERA Narcisse
Chief Executive Officer /UR-HG LTD

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

KUGIRANGO HASHYIRWE MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU/RDB No : Ref.Nº: **026-0119157** cyo kuwa **19/05/2026, KUGIRANGO HISHYURWA UMWENDA WA BANKI UWASHINZWE KUGURISHA INGWATE Me MUDAHEMUKA Barahira Johnson ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MU CYAMUNARA UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N'INZU IRI MU KIBANZA KIBARUYE KURI UPI: 5/01/03/06/194** IHEREREYE MU MUDUGUDU WA BYIMANA MU KAGARI KA RUHIMBI, UMURENGE WA GISHALI, AKARERE KA RWAMAGANA, MU BURASIRAZUBA

| CYAMUNARA | UMUNSI/UKWEZI | UMWAKA | ISAHA |
|---|---|---|---|
| KU NSHURO YA MBERE. | 22/06 kugeza 29/06 | 2026 | saa Munani z'amanywa (14:00Hrs) |
| KU NSHURO YA KABIRI. | 01/07 kugeza 8/07 | 2026 | saa Munani z'amanywa (14:00Hrs) |
| KU NSHURO YA GATATU. | 10/07 kugeza 17/07 | 2026 | saa Munani z'amanywa (14:00Hrs) |

- UBUSO BW'UBUTAKA NI: 719SQM$^2$
- UFITE AGACIRO KANGANA NA 49,503,000**Fwf.** USHAKA GUPIGANWA ATANGA IBICIRO ANYUZE KU RUBUGA www.cyamunara.gov.rw RW'INYANDIKO MPESHA ZIRANGIZWA ARI NARWO CYAMUNARA IBERAHO.
- UPIGANWA KWEGUKANA UWO MUTUNGO AGOMBA GUTANGA 5% BY'AGACIRO KUWO MUTUNGO NK'INGWATE Y'IPIGANWA ANGANA NA **2,475,150 Rwf** BINYUZE MURI SYSTEM CYAMUNARA IBERAMO.
- IBICIRO BY'ABAPIGANWE BIZATANGAZWA TALIKI YA **29/06/2026** /SAA MUNANI Z'AMANYWA (14H00) NIHATAGIRA UTSINDIRA UWO MUTUNGO CYAMUNARA IZAKOMEZA NKUKO INGENGABIHE IBIGARAGAZA.
- GUSURA UWO MUTUNGO BIZAKORWA BURI MUNSI KUVA KU WA **22/06/2026** MU MASAHA Y'AKAZI

UZATSINDA MURI CYAMUNARA AZISHYURA KURI KONTI **Nº: 7075311** YA **MUDAHEMUKA Barahira Johnson** IRI MURI ZIGAMA CSS. AMAFOTO N'IGENAGACIRO BYAWO BIBONEKA KU RUBUGA RW'IMANZA ZIRANGIZWA www.cyamunara.gov.rw.
USHAKA IBINDI BISOBANURO YAHAMAGARA TELEPHONE IKIRURIKIRA: **0788854928.**
BIKOREWE I KIGALI, KU WA **19/06/2026.**
Me MUDAHEMUKA Barahira Johnson

UWASHINZWE KUGURISHA INGWATE:

Me Barahira MUDAHEMUKA Johnson Appointed Receiver Tel:0788854928

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

MU RWEGO RWO GUSHYIRA MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU REF Nº 026-134755 CYO KUWA 02/06/2026 CYO KUGURISHA INGWATE MU CYAMUNARA KUGIRA NGO HISHYURWE UMWENDA BANKI IBEREWEMO;

USHINZWE KUGURISHA INGWATE ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MU CYAMUNARA BINYUZE MU BURYO BW'IKORANABUHANGA UBUTAKA BUBARUYE KURI UPI 3/04/04/06/2545 UHEREREYE MU MUDUGUDU WA REMERA, AKAGARI KA RUGARAMA, UMURENGE WA KABATWA, AKARERE KA NYABIHU, INTARA Y'IBURENGERAZUBA;

UKO CYAMUNARA ZIZAKURIKIRANA BINYUZE MU BURYO BW'IKORANABUHANGA MU GIHE UMUTUNGO WABA UTABA UGUZWE KU NSHURO YA MBERE CYANGWA IYA KABIRI

| CYAMUNARA | UMUNSI N'UKWEZI CYAMUNARA IZATANGIRIRAHO IKANARANGIRIRAHO | ISAHA |
|---|---|---|
| INSHURO YA 1 | IZATANGIRA KUWA 29/06/2026 IRANGIRE KUWA 06/07/2026 | SAA CYENDA (15H00) |
| INSHURO YA 2 | IZATANGIRA KUWA 08/07/2026 IRANGIRE KUWA 15/07/2026 | SAA CYENDA (15H00) |
| INSHURO YA 3 ARI NA YO YA NYUMA | IZATANGIRA KUWA 17/07/2026 IRANGIRE KUWA 24/07/2026 | SAA CYENDA (15H00) |

-UMUTUNGO UGURISHWA UFITE UBUSO BWA 833 SQM
-AGACIRO K'UMUTUNGO NI 8,000,000 FRW
-GUSURA UMUTUNGO BIZAKORWA BURI MUNSI MU MASAHA Y'AKAZI

UWIFUZA GUPIGANWA MU KUGURA UWO MUTUNGO, ARASABWA GUTANGA INGWATE Y'IPIGANWA Y'AMAFARANGA Y'U RWANDA 400,000 FRW AHWANYE NA 5% Y'AGACIRO K'UMUTUNGO AKAYISHYURA KURI KONTI IGARAGARA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA YA MINISITERI Y'UBUTABERA IRI MURI BANKI YA KIGALI (BK) HAKORESHEJWE URUBUTO PAY.

UWATSINDIYE UMUTUNGO MURI CYAMUNARA YISHYURA AMAFARANGA KURI KONTI Nº 1116080796074 IFUNGUYE M' URWEGO FINANCE MU MAZINA YA HARELIMANA AUGUSTIN

USHAKA GUPIGANWA ATANGA IBICIRO BINYUZE KU RUBUGA RW'INYANDIKOMPESHA ARIRWO: www.iecms.gov.rw ARI NAHO MUSANGA IFOTO N'AGACIRO BY'UMUTUNGO UGURISHWA

- ABIFUZA IBINDI BISOBANURO BABARIZA KURI NOMERO YA TELEFONE IKURIKIRA: 0785089957

BIKOREWE I KIGALI KUWA 16/06/2026

Me HARELIMANA AUGUSTIN
USHINZWE KUGURISHA INGWATE

Me HARELIMANA Augustin Appointed Receiver Tel: 0785089957

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**MU RWEGO RWO GUSHYIRA MUBIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU CYO KUGIRISHA INGWATE ICYEMEZO NOMERO 026-0903095 CYO KUWA 23/04/2026 USHINZWE KUGURISHA INGWATE ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA INZU IRI MU KIBANZA GIFITE UPI: 5/03/13/04/2464, GIFITE UBUSO BUNGANA NA 633 Sqm N'AGACIRO KANGANA NA 6.255.000FRW GIHEREREYE MU MUDUGUDU WA REBERO, AKAGARI KA MATARE, UMURENGE WA RUGARAMA, AKARERE KA GATSIBO MU NTARA YIBURASIRAZUBA.**

**CYAMUNARA KU NSHURO YA 3: IPIGANWA MU BURYO BWIKORANABUHANGA RIZATANGIRA KUWA 16/06/2026 I SAA SITA ZAMANWA RIZARANGIRE KUWA 23/06/2026 I SAA SITA ZAMANWA.**

**ABIFUZA GUPIGANWA BOSE BAGOMBA KWIYANDIKISHA KU RUBUGA WWW.CYAMUNARA.GOV.RW KUKO ARIHO IPIGANWA RIKORERWA BAKABANZA KWISHYURA KANDI 312.750FRW YINGWATE YIPIGANWA KURI KONTI YA MINIJUST IRI MURI BK. IYA KONTI BAZAHABWA NA SYSTEM MUGIHE CYIPIGANWA. UZABA YATSINZE IPIGANWA AZISHYURA MUGIHE CYAMASAHA 72 KURI KONTI 100250096687 IRI MURI BK IKABA ARI KONTI YURUGAGA R'WABAHESHA B'INKIKO YAGENEWE GUCISHWAHO AMAFARANGA Y'INYANDIKOMPESHA.**

**TUBONEYEHO KWIBUTSA BANKI , NYIRIGUHABWA INGUZANYO NA BANYIRUMUTUNGO KO BAGOMBA KUDUHA UMWIRONDORO WABO KUGIRA NGO TUBAHUZE N'URUBUGA RWASHYIRIWEHO KURANGIZA INYANDIKO MPESHA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA (IECMS) BITYO BAZABASHE GUKURIKIRANA IBIJYANYE NIYI CYAMUNARA NDETSE NO KUBA BAHAKANA IGICIRO KININI KIZABA CYATANZWE NTIBAKISHIMIRE KIKABA KITAGEZE KURI 75% BYAGACIRO KU MUTUNGO UGURISHWA KANDI IBYO BIGAKORWA KURI CYAMUNARA YA MBERE NIYA 2 KUKO KURI CYAMUNARA YA NYUMA UWATANZE IGICIRO KININI NIWE WEGUKANA UMUTUNGO UPIGANIRWA.**

**GUSURA INGWATE BIKORWA KUVA IGIHE IPIGANWA RITANGIRIYE BURI MUNSI MU MINSI YAKAZI KUVA SAA TATU ZA MUGITONDO KUGEZA SAA KUMI ZUMUGOROBA.**

**KU BINDI BISOBANURO MWAHAMAGARA KURI TELEPHONE IGENDANWA 0788686978.**

**USHINZWE KUGURISHA INGWATE**

**ME KARIGIRWA ZAINABU**

KARIGIRWA Zainabu USHINZWE GUCUNGA INGWATE Tel:0788686978

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

KUGIRANGO HASHYIRWE MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU O26-093495 CYO KUWA **23/04/2026** CYO KUGURISHA INGWATE MURI CYAMUNARA HISHYURWA UMWENDA WA BANK, USHINZWE KUGURISHA INGWATE ME MBANJENEZA ISAAC ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZATEZA CYAMUNARA UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N'UBUTAKA BURIMO INZU IFITE UPI: 2/04/07/03/3425, IFITE UBUSO BUNGANA NA **2975 SQM** N'AGACIRO KANGANA NA MILIYONI ESHESHATU N'IBIHUMBI MAGANA ARINDWI NA MIRONGO ICYENDA N'UMUNANI (6,798,000**FRWS),** IHEREREYE MU MUDUGUDU W'A RURYANGO , AKAGALI KA MUTUNDA, UMURENGE WA MBAZI **,** AKARERE KA HUYE , INTARA Y'AMAJYEPFO ,

INGENGABIHE YO GUPIGANWA UKO ITEYE:

| GUPIGANWA | ITARIKI | UKWEZI | UMWAKA | ISAHA |
|---|---|---|---|---|
| INSHURO YA 3 | 19-26 | 06 | 2026 | SAA SITA (12H00) |

ABIFUZA GUPIGANWA BOSE BAGOMBA KWIYANDIKISHA KU RUBUGA WWW.IECMS.GOV.RW KANDI BAKISHYURA INGWATE Y'IPIGANWA INGANA N'IBIHUMBI MAGANA ATATU NA MIRONGO ITATU N'ICYENDA NA MAFARANGA MAGANA ACYENDA (339,900 **FRWS)** AHWANYE NA **5%** BY'AGACIRO K'UMUTUNGO WAVUZWE HARUGURU. KWISHYURA INGWATE NUKUJYA KUMUTUNGO UGURISHWA KU RUBUGA WWW.ONLINE AUCTION, UGAHABWA CODE YO KWISHYURIRAHO UGAHITAMO UBURYO BUKUNYUZE (BK CYANGWA MOBILE MONEY). UZEGUKANA INGWATE MURI CYAMUNARA AZISHYURA BINYUZE KURI KONTI **N$^0$ 461326440811** IRI MURI BPR KU MAZINA Y'USHINZWE KUGURISHA INGWATE ARIWE **MBANJENEZA ISAAC**.GUSURA INGWATE BIKORWA BURI MUNSI MU MINSI Y'AKAZI. ABIFUZA IBINDI BISOBANURO BAHAMAGARA KURI TELEPHONE NGENDANWA ARIYO **0788249561**

.IFOTO N'IGENAGACIRO BYAWO BIBONEKA HAKORESHEJWE UBURYO BW'IKORANABUHANGA RYO KURANGIZA INYANDIKOMPESHA.

BIKOREWE I HUYE NONE KUWA 19/06/2026

USHINZWE KUGURISHA INGWATE

Me MBANJENEZA Isaac

Appointed RECEIVER TEL: 0788 249 561 MBANJENEZA ISAAC

# Ibyaranze Iserukiramuco rya Iwacu Muzika Festival ryatangiriye i Huye



**Ross Kana yaje muri Fou De Toi, Sesa, ndetse na Mami**

MICOMYIZA Fidele

***Ibitaramo bya Iwacu Muzika Festival byatangiriye mu Karere ka Huye ku wa 20 Kamena 2026 bikazarangira ku wa 1 Kanama 2026, byanyuze ababyitabiriye cyane cyane urubyiruko kuko rwabonye umwanya wo kugaragaza impano zarwo.***

Igitaramo cyabereye ku kibuga cy'umupira w'amaguru cya Kaminuza y'u Rwanda, Ishami rya Huye aho ababarirwa mu bihumbi bataramiwe n'abahanzi banyuranye.

Umuhanzi Polyvalent ukomoka mu Karere ka Huye, ni we wabanje gususurutsa abitabiriye igitaramo, yari afite itsinda ry'ababyinnyi n'undi mugenzi we umufasha, yaririmbye indirimo zirimo "Amayeri I", "Amayeri II", "Besto Sharing" na "Kaliza"

Umuhanzi akaba n'umucuranzi Mugaara Aubea wari kumwe na 'band' ye, bakiriwe ku rubyiniro kugira ngo basusurutse abitabiriye igitaramo, akigera ku rubyiniro, Mugaara yagize ati: "Ndabizi ko abenshi mutanzi, ariko ndava hano mumenye." Yongeyeho ko akunda gutarama ndetse akora umuziki kuko azi ko ufitiye benshi akamaro maze aririmba indirimbo ze zirimo "Gakondo" na "Birasanzwe".

Abashyushyarugamba MC Buryohe na Bianca ni bo bayoboye iki gitaramo.

Amalon yabimburiye abandi bahanzi abifashijwemo na Symphony Band yinjiriye mu ndirimbo 'Derila', yakoranye na Ally Soudy mu 2019.

Nyuma ya Amalon, Ross Kana yaserutse ku rubyiniro, yinjirira mu ndirimbo Fou De Toi yakoranye na Element na Bruce Melody, "Sesa" ndetse na "Mami" yashimishije cyane abakunzi be b'i Huye mu buryo bugaragara.

Kivumbi King ni we wakurikiyeho maze anyura imitima y'abitabiriye igitaramo mu ndirimbo ze zikunzwe cyane nka Kamwe, "Kiri Gute", "pull up", ndetse na "Yarampaye" yakoranye na Kirikou wo mu Burundi. "Badman", "Yalampaye", "Wait" na "Kikankane" yakoranye na DJ Pyfo ari na yo yasorejeho.

Umuhanzikazi Ingabire Deborah wamenyekanye nka Marina yageze ku rubyiniro yinjiriye mu ndirimbo "Marina" aririmba "Ni wowe" yatunguranye kandi azana ku rubyiniro umuhanzi akaba n'umunyamakuru Phil Peter aza kumushyigikira mu ndirimbo bakoranye, Bimpame na "Agafoto", bahuriyemo bari kumwe na Fireman, Pfla na Aime Bluestone.

Kenny Sol yabaye umuhanzi wa gatanu wageze ku rubyiniro aho yinjiriye mu ndirimbo "Haso" maze mu ndirimbo nka "Ikinyafu" yakoranye na Bruce Melodie, "Joli" na "Haje gushya", zitera abitabiriye gusimbuka ivumbi riratumuka, bigaragaza urwego ariho mu gushyushya abafana.

Kamwe, yakoranye n'abandi bahanzi, "Nituebue", "Kinyatrape", "Ku gasima" n'izindi, ziri mu ndirimbo za Bushali zanyuze ab'i Huye.

Nemeye Platini wamenyekanye nka 'Platini P', ari mu itsinda rya Dream Boyz yegukanye PGGSS7 mu 2017, yabanagamo na Mujyanama Claude 'TMC', ni we muhanzi watumiwe mu gitaramo cya 'Iwacu Muzika Festival 2026' nka kamwe mu dushya iri serukiramuco ryazanye ko gutumira umwe mu bahanzi batwaye Guma Guma PRIMUS, muri umwe mu mijyi rizanyuramo.

Platini P yageze ku rubyiniro aherekejwe n'itsinda ry'ababyinnyi b'abasore, atangirira ku ndirimbo "Isano" akurikizaho "Icupa" yishimiwe cyane n'ab'i Huye cyane ko ari naho yatangiriye umuziki we yiga muri iyi Kaminuza y'u Rwanda no muri Groupe Scolaire Officielle de Butare.

Davis D utajya utandukana n'udushya aho ataramiye hose, kuri iyi nshuro yinjiranye Kizimyamwoto maze abanza kwibutsa abafana ko avuka i Huye, ari naho yize amashuri abanza kugera mu mwaka wa gatanu, yinjiriye muri "Biryogo", "Ifarashi" na "Micro", yahise ahamagara Platini P ajya ku rubyiniro, baririmbana "Jeje" bakoranye, yakurikijeho "Dede" yaririmbiye hasi mu bafana, ahita atumira Bushali ku rubyiniro bafatanya "Bermuda".

Umuyobozi w'Akarere ka Huye, Sebutege Ange, yahawe umwanya, ashimira Umukuru w'Igihugu washyizeho imiyoborere ifasha Abanyarwanda kwidagadura mu buryo nk'ubu.

Yashimiye kandi abateguye ibi bitaramo, yibutsa abaturage b'Akarere ayobora ko bagomba kwirinda ubusinzi n'inzoga zitujuje ubuziranenge ndetse ko urubyiruko rukwiye kugira intego ziruteza imbere kuko abahanzi baririmbye bagaragaje ko hari icyo bashoboye.

I saa tatu zibura iminota umunani ni bwo Chriss Eazy yaje gushyira akadomo kuri iki gitaramo aho mbere y'uko agera ku rubyiniro, MC Buryohe na Bianca basabye ab'i Huye gucana amatoroshi ya telefoni.

Chriss Eazy, yageze ku rubyiniro yambaye agapira k'umukara, ikabutura n'ingofero biri mu mabara y'imyambaro ya gisirikare.

Yinjiriye mu ndirimbo "Sampe" yakoranye na Dany Nanone, maze abakunzi be batitaye ku gihe bari bamaze bahagaze, barabyina karahava. Yaririmbye, "Edeni", "Basi Sori" yakoranye na Passy Kizito na "Sekoma".

Yahise ahamagara Utah Nice baririmbana indirimbo "My Mind" bakoranye abafana barushaho kuryoherwa, yanaririmbye "Bana" yakoranye na Shaffy, "Jugumila" yakoranye na Kevin Kade na DJ Phil Peter, ari nayo ndirimbo yasoje iki gitaramo cya mbere cya 'Iwacu Muzika Festival 2026'.

Muri ibi bitaramo biri kuba ku nshuro ya karindwi, hiyongereyemo umuterankunga wa BPR Bank Rwanda Plc, winjiye mu gutera inkunga ibitaramo ku nshuro ya mbere, aho yaje kwegereza abazabyitabira serivisi zitandukanye zirimo gusobanurira abakiliya bayo uko bashobora guhabwa inguzanyo bakoresheje telefoni zabo no kubashishikariza kwizigama.

Mu bindi bazakora harimo kumara impungenge abakiliya babo ku bijyanye n'amakuru babafiteho y'uko Banki y'abaturage yahombye ahubwo bakabaha amakuru yabo agezweho yuko ibibazo byakemutse.

Abitabiriye bari biganjemo urubyiruko. Kwinjira ari ubuntu, uretse mu myanya y'icyubahiro aho byasabaga kwishyura 5 000 Frw.

Ibi bitaramo bizakomereza mu Karere ka Ngoma ku wa 27 Kamena, ku wa 4 Nyakanga i Muhanga, 11 Nyakanga i Karongi, 18 Nyakanga i Nyagatare, 25 Nyakanga i Musanze bikazasoza ku wa 1 Kanama mu Karere ka Rubavu.



**Chris Eazy ni we washyize akadomo ku gitaramo cya mbere cya Iwacu Muzika Festival 2026**



**Davis D yatunguranye yinjirana Kizimyamwoto ku rubyiniro**

# Umujyi wa Kigali wihariye ibihembo bya 'Umurenge Kagame Cup 2026'



Mbere y'umukino habanzaga gufatwa umunota wo kwibuka inzirakarengane zazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

SHEMA Ivan

***Amakipe y'Umujyi wa Kigali yihariye ibihembo mu irushanwa 'Umurenge Kagame Cup 2026', yegukanye imidali 13 mu mikino itandukanye mu ya nyuma yasorejwe mu Karere ka Bugesera, kuri iki Cyumweru, tariki 21 Kamena 2026.***

Ni imikino yitabiriwe n'abayobozi batandukanye barimo Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu Habimana Dominique, Minisitiri wa Siporo Nelly Mukazayire, Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali Dusengiyumva Samuel, abayobozi b'Intara n'Akarere.




Kicukiro ni yo yegukanye igikombe muri Basketball y'abagabo

Muri Basketball y'abagabo, Kicukiro yegukanye igikombe itsinze Kamonyi amanota 81-69 mu bagore igikombe cyatwawe na Kayonza nyuma yo gutsinda Kamonyi amanota 73-61.

Muri Volleyball y'abagore, Ngoma yegukanye igikombe itsinze Gicumbi amaseti 3-0 (25-19, 25-16, 25-21), mu bagabo cyegukanywe na Kicukiro itsinze Gasabo amaseti 3-0.

Mu gusiganwa ku magare mu bagabo, Mufiteyesu Emmanuel ukomoka i Gicumbi yongeye kuba uwa mbere ku nshuro ya gatatu yikurikiranya, mu gihe mu bagore Nishimwe Gisele ukomoka mu Mujyi wa Kigali ari we wahize abandi.

Mu mikino yo gusimbuka urukiramende, umwanya wa mbere aho mu bagabo wongeye kwegukanwa ku nshuro yikurikirana na Masengo Djibril wo mu Mujyi wa Kigali mu gihe mu bagore wegukanywe na Uwimana Lucie wo mu Ntara y'Uburengerazuba.

Muri Sitball y'abagabo, Ikipe y'Akarere Ka Gasabo yatwaye igikombe itsinze iya Kirehe bigoranye amanota 39-38 mu gihe mu bagore, igikombe cyegukanywe na Kirehe itsinze Rulindo amanota 29-18.

Mu mupira w'amaguru mu bagabo, Umurenge wa Masaka wo mu Karere ka Kicukiro wegukanye Irushanwa rya 'Umurenge Kagame Cup 2026' nyuma yo kunyagira uwa Nyarugenge ibitego 6-3.



Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Habimana Dominique yashimiye abagize uruhare bose kugira ngo iri rushanwa rigende neza

Mu kurushanwa mu gisoro cyangwa kubuguza mu bagabo hatsinze Niyonagize Alfred ukomoka mu Karere ka Gasabo mu gihe mu bagore hatsinze Bampire Regis ukomoka mu Karere ka Nyarugenge.

Gusiganwa ku maguru, mu bagabo bakoze metero ibihumbi 15 hatsinze Munyakazi Felecien wo mu Karere ka Gasabo mu gihe mu bagore metero ibihumbi 10 hatsinze Yankurije Martha wo mu Karere ka Nyamasheke.

KOMEZA KU RUP.24

Imvaho Nshya
# Siporo



Nº. E-64 TARIKI 16-22 KAMENA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Umujyi wa Kigali wihariye ibihembo bya 'Umurenge Kagame Cup 2026'

IBIKURIKIRA URUP.23

Mu bagore, Umurenge wa Mahembe, mu Karere ka Nyamasheke yatsinze Umurenge wa Kacyiru wo muri Gasabo kuri penaliti 5-4 nyuma yo kunganya ubusa ku busa mu minota isanzwe y'umukino.

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu Habimna Dominique yashimiye abagize uruhare bose mu gutegura iri rushanwa ndetse n'abarigizemo uruhare, ashimangira ko iri rushanwa rifite igisobanuro kinini mu Rwanda.

Yagize ati: "Aya marushanwa atwigisha indangagaciro zigomba kuturanga no mu kazi ka buri munsi. Twigiramo indangaciro zo gukorera ku ntego, gukorera hamwe, gukorana umurava no gutsinda. By'umwihariko aya marushanwa atanga ibyishimo, akongera ubusabane ndetse akagaragaza abafite impano."

Yongeye kwibutsa Abanyarwanda kurangwa n'isuku aho bari hose, kwita ku buzima bwabo, by'umwihariko batanga ubwisungane mu kwivuza, ndetse no gusigasira ubumwe bw'Abanyarwanda.

Amarushanwa 'Umurenge Kagame Cup' agamije kwimakaza imiyoborere myiza, gusabana no kuzamura impano, akinwa guhera ku rwego rw'Umurenge, muri uyu mwaka yakinwe mu mikino irimo Umupira w'Amaguru, Basketball, Volleyball, amagare, kubuguza (Igisoro), gusiganwa ku maguru, gusimbuka urukiramende ndetse na Sitball.




**Ministiri wa Siporo, Nelly Mukazayire ashyikiriza igikombe Umurenge wa Mahembe wo mu Karere ka Nyamasheke**

# Volleyball: Kepler VC na Kenya Pipeline VC zegukanye Irushanwa ryo Kwibuka 32




**Abakinnyi ba Kepler VC bishimiye kwegukana Igikombe cy'Irushanwa Mpuzamahanga ryo Kwibuka 32**

**SHEMA Ivan**

***Kepler VC na Kenya Pipeline VC zegukanye Irushanwa Mpuzamahanga rya Volleyball ryo Kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***

Mu ijoro ryo ku wa 21 Kamena 2026, ni bwo kuri Petit Stade i Remera hasojwe imikino y'iri rushanwa ryitabiriwe n'amakipe yo muri Uganda, Kenya n'ayo mu Rwanda.

Mu bagabo, amakipe yo mu Rwanda yari ahagaze neza, dore ko igikombe cyatwawe na Kepler VC nyuma yo gutsinda APR VC amaseti 3-0 (25-22, 28-26, 25-21) mu gihe umwanya wa gatatu watwawe n'ikipe ya Police VC itsinze REG VC amaseti 3-1 (25-22, 25-17, 20-25, 29-27).

Mu cyiciro cy'abagore, Kenya Pipeline VC ni yo yitwaye neza yegukana igikombe, nyuma yo gutsinda APR WVC biyoroheye amaseti 3-0 (25-17, 25-20, 25-15) mu gihe umwanya wa gatatu wegukanywe na Police WVC yatsinze Kepler WVC amaseti 3-2 (21-25, 25-23, 25-12, 13-25, 11-25).

Mbere y'uko iyi mikino itangizwa, habanzaga gufatwa umunota wo kwibuka abakinyi n'abakunzi ba siporo bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Irushanwa nk'iri umwaka ushize rikaba ryari ryegukanywe na REG VC mu bagabo mu gihe mu bagore ikipe ya Police WVC ari yo yari yaryegukanye.